# Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi

N°. E-55 TARIKI 24 - 30 WERURWE 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw




**AMAKURU**

Muganga SACCO yagurije Miliyari 2 Frw abakora mu buzima biyubakira amacumbi



4

**UBUKUNGU**

Urubanza rw'u Rwanda n'u Bwongereza rurasomwa bitarenze 2026



7

**UBUZIMA**

Kuvugurura Mituweli si ugushyira umuzigo ku baturage - Minisitiri w'Intebe



10-11

**MU NTARA**

RAB yeretse abahinzi n'abatubuzi imbuto y'ibigori yihanganira nkongwa idasanzwe



15

# U Rwanda rufitiye icyizere Umuryango uhuza Afurika, Karayibe na Pasifika

NTAWITONDA Jean Claude

***Leta y'u Rwanda yagaragaje ko mu gihe imiterere y'Isi igenda ihindagurika, igifitiye icyizere uruhare rw'Umuryango w'Ibihugu bya Afurika, Karayibe na Pasifika (OCAPS) mu guharanira iterambere rirambye ry'ibihugu biwuhuriyemo, binyuze mu guhindura uburyo inkunga zikusanywa zikanakoreshwa mu nzego zitandukanye.***

Minisitiri w'Intebe, Dr. Nsengiyumva Justin yabikomojeho mu Nama ya 11 y'Abakuru b'Ibihugu na za Guverinoma bahuriye mu Muryango w'Ibihugu bya Afurika, Karayibe na Pasifika, yabereye i Malabo, muri Guinée Equatoriale, aho yahagarariye Perezida wa Repubulika Paul Kagame.

Mu ijambo yagejeje ku Bakuru b'Ibihugu na Guverinoma bitabiriye iyo nama, Dr. Nsengiyumva yavuze ko imikorere

KOMEZA KU RUP.3



Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva Justin yahagarariye Perezida Kagame mu nama

**U Rwanda rugiye kongera kwakira Inama Mpuzamahanga ya AfSBT**




INKURU KU RUP.6

## Dr. Kalinda yasabye Abanyarwanda kuzitabira ibikorwa byo Kwibuka32

ZIGAMA Theoneste

*Perezida wa Sena y'u Rwanda, Dr. François Xavier Kalinda, yasabye Abanyarwanda kwitabira ibikorwa byo Kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 no kwirinda ibikorwa ibyo ari byo byose byahungabanya abarokotse mu gihe cy'icyunamo n'iminsi 100.*

Ni ubutumwa yahaye abitabiriye Umuganda rusange usoza ukwezi wabaye ku wa Gatandatu tariki ya 28 Werurwe 2026.

Abaturage bakoze ibikorwa byo gukora isuku ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Nyanza ya Kicukiro, mu rwego rwo kwitegura, kwibuka ku nshuro ya 32

KOMEZA KU RUP.3

# Kutagira amakuru ku by'imari bidindiza abagore bakora ubuhinzi

KAMALIZA Agnes

***Bamwe mu bagore bakora umwuga w'ubuhinzi bavuga ko kutagira amakuru ahagije y'imikorere y'ibigo by'imari n'uburyo boroherezwa mu kubona inguzanyo, bituma bitinya ntibagane ibyo bigo ngo bateze imbere umwuga bakora.***

Ni ibyagarutsweho ku wa 25 Werurwe 2026, ubwo abagore barenga 400 baturutse mu Ntara zose z'u Rwanda bahuriye hamwe bizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Abagore, banaganira ku iterambere ry'umugore mu buyobozi, kubona amasoko, no kwisunga ibigo by'imari mu bakora ubuhinzi.

Abagore baganiriye na Imvaho Nshya bagaragaje ko batajya bamenya amakuru y'uburyo babona inguzanyo kuko baba bakeka ko bisaba ingwate nini no kwishyura ku nyungu iri hejuru, kandi mu by'ukuri atari ko biri.



**Abagore bakora ubuhinzi bavuga ko kuba batazi uburyo bakorana n'ibigo by'imari bidindiza imikorere yabo**

Byishimo Aisha ukorera ubuhinzi bw'urusenda mu Karere ka Kayonza yagize ati: "Kubona inguzanyo twumvaga ko bitaba byoroshye kubera ko twitinyaga tunatekereza ko nitujya kuyisaba badusaba inyungu iri hejuru no kubera kutamenya. Gusa badushishikarije ko dushobora gusaba inguzanyo tukishyura ku nyungu nkeya."

Mukarurangwa Delphine uhinga ibigori na Avoka mu Karere ka Huye, avuga ko we na bagenzi be batinyaga gufata inguzanyo batekereza ko ibigo by'imari ari iby'abifite. Agaragaza ko ubu asobanukiwe uburyo inguzanyo zorohejwe ariko agasaba ko izo serivise zamanurwa zikajyanwa hasi mu byaro, aho zitaramenyekana dore ko abo baturage ari bo benshi bakora ubuhinzi.

Yagize ati: "Batubwiye ko hari ibigo tugomba kugana ariko abenshi mu cyaro ntabwo tubizi. Uba usanga ibyo bigo bidahari biri mu mijyi mu byaro hari ababihagarariye kandi na bo nta makuru menshi baba bafite. Icyo dukeneye ni uko batwegera mu byaro kuko abagore bo mu cyaro ni bo bahinzi, bamanuke batwereke imikorere."

Abagore bagira uruhare rugaragara mu iterambere ry'ubuhinzi bw'u Rwanda, kuko 65.5% by'abagore bakora ibikorwa bitandukanye birimo gutunganya ibikomoka ku buhinzi no kubicuruza. Ihuriro Mpuzamahanga ryita ku Iterambere ry'Ubuhinzi muri Afurika, (AGRA) rigaragaza ko ryiteguye kugabanya imbogamizi abagore bahurira na zo mu rwego rw'imari ndetse bakoroherezwa kubona inguzanyo.

Umuyobozi Ushinzwe Porogaramu muri AGRA, Peter Okamah yagize ati: "Hari porogaramu dufite zorohereza kugera kuri serivisi z'imari, kubona inguzanyo cyane cyane abakora mu bucuruzi no mu buhinzi." Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI) igaragaza ko kubakira abagore ubushobozi ari inkingi ya mwamba mu buhinzi n'ubworozi kuko bagira uruhare mu guteza imbere ubuhinzi bw'u Rwanda.

Umunyamabanga wa Leta muri MINAGRI, Dr. Uwituze Solange agaragaza ko kubakira abagore ubushobozi ari ugushyigikira ubukungu burambye n'umutekano w'ibiribwa, bityo bagomba kwagura imitekerereze ndetse bagahanga udushya mu mwuga bakora.

Yagize ati: "Bagomba gushishikarizwa gutekereza ibirenze umusaruro, imishinga migari no guhatana ku masoko kuko ahazaza h'ubuhinzi mu Rwanda hazashingira ku bagore bahanga udushya." Ubuhinzi bukomeje kuba inkingi ikomeye mu bukungu bw'Igihugu kuko bwihariye hafi 25% by'umusaruro Mbumbe w'Igihugu, (GDP) ndetse butanga akazi ku baturage hafi 69%.

# MINIJUST yamaganye Abahesha b'Inkiko b'Umwuga batwara amafaranga y'abaturage

ZIGAMA Theoneste

***Minisiteri y'Ubutabera mu Rwanda (MINIJUST) yamaganye bamwe mu bahesha b'inkiko b'umwuga barangiza imanza, by'umwihariko izijyanye na cyamunara, bagatwara amafaranga yavuyemo, bakayakerereza cyangwa ntibayashyikirize abo agenewe, bikabateza igihombo.***

Ibi byagarutsweho tariki ya 25 Werurwe 2026 mu Nteko Rusange y'Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga, yitabiriwe n'abasaga 400 baturutse bo mu bice bitandukanye by'Igihugu.

Nk'uko biteganywa n'amategeko, umuhesha w'inkiko urangije urubanza agomba, mu gihe kitarenze amasaha 48, kuba yakoze raporo igaragaza uko rwashyizwe mu bikorwa, akayishyikiriza Minisiteri y'Ubutabera.

Umunyamabanga Uhoraho muri MINIJUST, Mbonera Théophile, yavuze ko nubwo abenshi mu bahesha b'inkiko b'umwuga bakora akazi kabo mu bunyangamugayo, hari bake bagifite imyitwarire idahwitse yo gutindana cyangwa gutwara amafaranga y'abaturage.

Yagize ati: "Hari abatinda kwishyura, ugasanga batindanye amafaranga. Hari n'abigeze kutubwira ko bayabibiye mu tubati bayabikamo.

Nyamara amategeko ateganya uburyo bugomba gukurikizwa, burimo ko amafaranga agomba gushyikirizwa ba nyirayo mu gihe cyagenwe, kandi atatanzwe agashyirwa kuri konti yihariye iri muri Minisiteri y'Ubutabera."

Uwo muyobozi avuga ko Minijust igiye gukora ibishoboka byose iki kibazo kigakemuka kuko byagaragaye ko hari abahesha b'inkiko batangiye gutakarizwa icyizere n'abaturage.

Visi Perezida w'Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga, Me Munezero Malyse yavuze ko mu gukemura icyo kibazo cy'abarimanganya mu kurangiza imanza ubu bafashe icyemezo cyo gufunguza konti imwe izajya inyuzwaho amafaranga yose yavuye mu kurangiza imanza.

Yagize ati: "Twafunguje konti muri banki kugira ngo bitazongera kubaho ko hari umuhesha w'inkiko wazongera gutwara amafaranga y'umuturage."

Ku ruhande rw'abahesha b'inkiko, Me Hitiyaremye Michel yavuze ko abarimanganya muri uyu mwuga bakwiye kwamaganwa, ariko anagaragaza ko hari imbogamizi zigaragara mu ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo gushyira amafaranga yose ya cyamunara kuri konti imwe.

Yagize ati: "Igitekerezo cyo kugira konti imwe ihurizwaho amafaranga yose, ava muri cyamunara ni cyiza, ariko dufite impungenge ko gishobora gutinza imirimo yacu. Bishobora no gutuma igihe itegeko riteganya cyo gutanga raporo kitubahirizwa." Yakomeje asobanura ko ubwinshi bw'amafaranga n'imanza zitandukanye bishobora gutuma imikorere y'iyo konti igorana, cyane cyane ku bakozi ba banki bashinzwe kuyicunga.

MINIJUST yatangaje ko izakomeza gukorana n'urugaga rw'abahesha b'inkiko kugira ngo hashyirweho uburyo bunoze bwo gukurikirana no gucunga amafaranga ava mu manza, hagamijwe kurengera inyungu z'abaturage no kongera icyizere mu butabera.


**MINIJUST yakebuye Abahesha b'Inkiko b'Umwuga batwara amafaranga y'abaturage**





# Dr. Kalinda yasabye Abanyarwanda kuzitabira ibikorwa byo Kwibuka32

IBIKURIKIRA URUP.1

Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Yagize ati: "Mwese murabizi y'uko guhera tariki 7 Mata kugeza ku ya 3 Nyakanga, tuba turi mu bihe byo kwibuka abazize Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994."

Yakomeje agira ati: "Ni ibihe bikomeye bidusaba kwegerana, tukegera abakorotse Jenoside tubafata mu mugongo twitabira ibikorwa byateguwe mu rwego rwo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi muri icyo gihe cyose cy'iminsi 100, tukaba tubasaba kubyitabira aho dutuye n'aho dukomoka."


**Perezida wa Sena Dr. François Xavier Kalinda, yasabye Abanyarwanda kwitabira ibikorwa byo Kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994**

Dr. Kalinda yakomeje asaba urubyiruko kugira uruhare mu kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside. Ati: "Mu bihe nk'ibi dukunze kugabwaho ibitero by'abahakana n'abapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994."

Yongeyeho ati: "Mu gihe nk'iki tugiye kwinjiramo mwabonye ko ingengabitekerezo ya Jenoside irabyuka hamwe na hamwe. Ntabwo ibyuka mu gihugu gusa no mu mahanga kubera gukoresha imbuga nkoranyambaga murabibona. Ndagira ngo nsabe urubyiruko ruri hano kugira uruhare mu kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside abayipfobya n'ihohoterwa iryo ari ryo ryose rikorerwa abarokotse".

Ibikorwa nk'ibi byakozwe hirya no hino mu Gihugu aho abaturage bafatanyije n'Abasenateri gusukura Inzibutso za Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

# U Rwanda rufitiye icyizere Umuryango uhuza Afurika, Karayibe na Pasifika

IBIKURIKIRA URUP.1

y'ibihugu bihuriye muri uyu muryango ikwiye kujyana n'impinduka zigenda zibaho buri gihe.

Yakomeje agira ati: "U Rwanda rwizera ko OACPS ishobora kurushaho gukomeza gushimangira uruhare rwayo, ntibe gusa urubuga rw'ubufatanye, ahubwo ikaba n'urubuga rworohereza ishoramari kandi rugateza imbere impinduka mu bukungu."

Yakomeje asaba ko OACPS yafashwa kuba umuryango urushijeho guhama mu kuba umusemburo w'impinduka mu by'ubukungu aho kugira ngo ube umuryango ubifasha kurushaho kunoza ubutwererane bwa Politiki gusa.

Iyi nama y'iminsi ibiri yatangiye ku wa 28 Werurwe, ifite insanganyamatsiko igira iti: "Kubaka Umuryango wa OACPS uteye imbere kandi uvuguruye mu Isi Ihindagurika."

Ni inama yahurije hamwe abayobozi baturutse mu bihugu bitandukanye byo muri Afurika, muri Karayibe na Pasifika baganira ku buryo bunyuranye bwo kurushaho kwagura ubutwererane no guhangana n'ingorane z'iterambere.

U Rwanda rwitabiriye iyi nama rwabaye kimwe mu bihugu byashinze Umuryango OACPS mu mwaka wa 1975 binyuze mu Masezerano ya Georgetown yari agamije guhuza ibihugu 46 muri gahunda yo gukorana n'Umuryango w'Ubukungu w'u Burayi (EEC).

U Rwanda kandi rwagize uruhare muri gahunda zitandukanye za OACPS zirimo ibiganiro bigamije iterambere ry'ubucuruzi ndetse na gahunda z'iterambere.

Uyu Muryango ugira uruhare mu kwifatanya n'u Rwanda mu bihe bikorwa bitandukanye birimo no kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

**U Rwanda rwasabye OACPS kureka kwishingikiriza ku mfashanyo**

Dr. Nsengiyumva yagarutse ku gaciro ko kwishakamo inkunga yo gutera inzego za OACPS mu buryo buhoraho, mu guharanira ko ikomeza kuba Umuryango ufite agaciro mu ruhando mpuzamahanga.

Yavuze ko hashize imyaka myinshi ubutwererane bw'ibihugu bihuriye muri uyu Muryango bushyigikirwa n'ubufasha bw'amahanga, ariko ashimangira ko mu gihe Isi ihinduka n'uburyo bwo gutera inkunga imishinga inyuranye na bwo bukwiye guhinduka.



**Abakuru b'Ibihugu na Guverinoma bitabiriye inama ya 11 ya OEACP**

Yashimangiye ko kuva ku kwiringira imfashanyo z'amahanga hagashyirwaho uburyo burambye bwo kwishakamo ibisubizo ari ingenzi cyane kugira ngo uyu Muryango urusheho gutanga umusaruro wifuzwa.

Yavuze ko kugira ngo ibyo bigerweho hakwiye kongerwa imbaraga mu gukusanya ubushobozi bw'imbere mu bihugu bihuriye muri uyu Muryango kuko ari wo musingi wo gufata mu biganza imikorere yawo no guharanira ko utanga umusanzu ku gihe ndetse mu buryo burambye.

Ati: "Ibi bizaba ari ingenzi cyane mu guharanira ko umusanzu wacu uba uwitezwe, utangirwa igihe kandi mu buryo burambye, harimo no kurasa ku ntego mu buryo bwuzuye."

Icya kabiri, yanakomoje ku gaciro ko kongerera imishinga yo ku rwego rw'Akarere kugira ngo irusheho gukurura ishoramari ry'igihe kirekire, aboneraho gushimangira ko hakenewe imyiteguro ikomeye mu kwirinda ibyago byaboneka no guhuza imbaraga mu gufungura amahirwe anyuranye y'ishoramari.

Ikindi cya gatatu yashimangiye ni ukurushaho kwimakaza ubufatanye bw'ibihugu binyuze mu guhuza ishoramari ryaba irisanzwe ndetse n'irigenda rivuka.

Yavuze ko kugira ngo hakorwe ishoramari rirambye hakenewe ko abatuye muri kano Karere bimakaza guhanga udushya no guhindura imyumvire.

Ati: "Dukwiye kureka imyumvire yo guhora twishingikirije ku bandi imaze igihe iranga uyu Muryango, ahubwo tugafata inshingano zihuriweho twiyemeza gutanga imisanzu kandi tugakoresha uburyo bushya bwo gutera inkunga imishinga."

Yaboneyeho gushimangira ukwiyemeza k'u Rwanda ko kuba intangarugero mu gutangira k Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva Justin yahagarariye Perezida Kagame muri iyi nama u gihe imisanzu yarwo nk'uko rutahwemye kubigaragaza mu myaka isaga 50 ishize.

Abayobozi bitabiriye iyi nama bitezweho kwemeza amasezerano ya Malabo uyu munsi basoza Inama, akaba ari yo masezerano agaragaza iby'ingenzi bigomba kongerwamo imbaraga ndetse n'ukwiyemeza k'Umuryango mu kurushaho kongera imbaraga muri iyi Si ihindagurika.

Baraganira kandi ku kwimakaza ubutwererane bw'ibihugu bikiri mu nzira y'amajyambere, kwimakaza iterambere ry'ubukungu, guhangana n'ibibazo bishingiye ku mihindagurikire y'ibihe ndetse banarebe ikigero cy'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano ya Samoa.

# Muganga SACCO yagurije Miliyari 2 Frw abakora mu buzima biyubakira amacumbi

MICOMYIZA Fidele

*Guverinoma y'u Rwanda irashima gahunda yiswe Giriwawe ikomeje gufasha abakora mu rwego rw'ubuzima bakaba ari n'abanyamuryango ba Koperative Umuganga SACCO, gutunga amacumbi (inzu) ku nyungu ntoya iri hagati ya 0-13% ku mwaka.*



Abanyamuryango ba Umuganga SACCO bishimiye intambwe imaze guterwa

Ubuyobozi bwa Koperative Muganga SACCO buhamya ko mu myaka ibiri ishize hamaze gutangwa inguzanyo za miliyari zisaga ebyiri z'amafaranga y'u Rwanda ku banyamuryango bifuzaga kubona amacumbi ku nguzanyo.

Umuyobozi Mukuru wa Muganga SACCO, Uwambayingabire Claudine yashimangiye ko mu mwaka wa 2024 gahunda ya Giriwawe yatwaye miliyoni 500 z'amafaranga y'u Rwanda ku bufatanye na BRD, naho mu 2025 babashije guha abanyamuryango angana na miliyari n'igice.

Bivuze ko kugeza ubu abanyamuryango bamaze guhabwa inguzanyo muri Gahunda ya Gira Iwawe isaga miliyari 2 z'amafaranga y'u Rwanda.

Minisiteri y'Ubuzima igaragaza ko iyo ari intambwe ishimishije yatewe mu kurushaho guharanira imibereho myiza y'Abanyarwanda.

Iyo Minisiteri yizeza ubufasha n'imikoranire mu kuyiteza imbere no kuyongerera ubushobozi, nk'uko byashimangiwe mu nama ya 10 y'Inteko Rusange isanzwe y'Abanyamuryango ba Koperative Umuganga SACCO, yabaye tariki ya 26 Werurwe 2026.

Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Ubuzima Ndayizigiye Jean Marie Vianney, yagaragaje ko Muganga SACCO ifatanyije na Banki y'u Rwanda Itsura Amajyambere (BRD) bagejeje abanyamuryango bayo ku bintu byinshi harimo na gahunda ya Giriwawe.

Yagize ati: "Kimwe mu bintu by'ingenzi umuntu akeneye harimo no kuba yagira aho aba cyangwa icumbi. Ni ikintu gikomeye cyane dushimira Muganga SACCO ko iri kudufasha, gufasha abakozi bacu kubona icumbi, si ibyo gusa hari no gufasha abantu kongera amashuri yabo ndetse bagafasha n'imiryango yabo kuba bakwiga."

Uretse gahunda ya Giriwawe, kuva Muganga SACCO yashingwa imaze gutanga umusanzu mu bikorwa bitandukanye, harimo guha abanyamuryango bayo inguzanyo ku nyungu iri hasi, ibyorohereza abanyamuryango bayo kwiteza imbere nkuko bishimangirwa na bamwe muri bo.

Umukozi w'Ibitaro by'Akarere ka Ngororero, Icyizanye Consessa, avuga ko yakuye inyungu nyinshi mu kuba umunyamuryango wa Muganga SACCO.

Yagize ati: "Nari mfite umwana wabonye amahirwe yo kujya kwiga hanze ariko nta mikoro ahagije mfite, nagiye kuri Muganga SACCO bampa inguzanyo ya miliyoni enye n'igice, bananyemerera ko nzayishyura mu myaka itatu, aho nzarangiza kuyishyura mu kwezi kwa 10".

Kugeza ubu Muganga SACCO ifite abanyamuryango barenga ibihumbi 12 kandi buri wese ashobora guhabwa inguzanyo hagati ya miliyoni 40 na 60 izishyurwa mu myaka 20 muri gahunda ya Giriwawe.

Gahunda ya Giriwawe muri Muganga SACCO ni serivisi y'inguzanyo yoroheje igamije gufasha abakozi bo mu rwego rw'ubuzima gutunga amacumbi (inzu) ku nyungu ntoya (10-13% ku mwaka), ku bufatanye na BRD.

# U Rwanda rwatangije amasomo ya Kaminuza ajyanye n'imicungire y'ibibuga by'indege

KAMALIZA Agnes

*Mu Ishuri Rikuru ry'Imyuga n'Ubumenyi Ngiro (RP) hatangijwe amasomo mashya ajyanye n'Indege n'imicungire y'ibibuga byazo (Airline and Airport Management), ndetse n'imicungire y'ibicuruzwa.*

Ni gahunda yatangijwe ku mugaragaro ku wa 25 Werurwe 2026, ndetse abasoje ayo masomo bazajya bahabwa impamyabumenyi ihamya ko bize ayo masomo. Abo banyeshuri bazajya babona amahirwe yo kwimenyereza mu kigo cy'amahugurwa cyigishirizwaho ibikorerwa ku kibuga cy'indege n'ibibera mu ndege, kiri muri Ishuri Rikuru ry'Imyuga n'Ubumenyi Ngiro ishami rya Kigali.

Umuyobozi Mukuru wa RP, Dr. Mucyo Sylvie yavuze ko umubare w'abiyandikisha muri ayo masomo ugenda wiyongera, kandi kuba abanyeshuri bazajya bitoreza aho bigira bigaragaza ko bazajya basohoka bafite ubumenyi n'ubushobozi bwo gukora. Yagize ati: "Ibikoresho nk'ibi bifasha abanyeshuri gushyira mu bikorwa ibyo biga, bagasoza bafite ubumenyi bukenewe ku isoko ry'umurimo."

Bamwe mu biga ayo masomo bagaragaza ko bajyaga bafata umwanya wo kujya gusura ikibuga cy'indege ngo bamenye imikorere yacyo ariko kuba bagiye kujya bitoreza aho bigira bizajya bituma babona umwanya uhagije wo kwimenyereza. Tumukunde Peneloppe Muzima yagize ati: "Kubona aho twitoreza bizafasha kubona ubumenyi bwuzuye kurushaho."

Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC) igaragaza ko ayo masomo ashimangira ko uburezi buri gutanga amasomo akenewe ku isoko ry'umurimo kandi aje mu gihe ubwikorezi bwo mu kirere bukomeje kwaguka mu Rwanda.

Umunyamabanga wa Leta muri MINEDUC, Irere



Hatangiye uburyo bwo kwigisha imicungire y'ibibuga by'indege muri Kaminuza

Claudette yagaragaje ko ubwikorezi bwo mu kirere n'ubukerarugendo bikomeje kwaguka, kandi kuba ayo masomo ari kwigishwa bigaragaza ko uruby-iruko rwiteguye kubyaza umusaruro amahirwe ahari n'ibikenewe ku isoko ry'umurimo. Yashimangiye ko guteza imbere uburezi bigaragaza ahazaza heza h'u Rwanda binyuze mu mashuri y'imyuga n'ubumenyingiro.


Yagize ati: "Iyo dushoye imari mu mashuri y'imyuga n'ubumenyingiro (TVET), tuba duhaye urubyiruko uburyo bwo kubona akazi no guteza imbere Igihugu. Mu gihe urwego rw'ubwikorezi bwo mu kirere rukomeje kwaguka inshingano zacu ni ukureba ko urubyiruko rwiteguye kubyaza ayo mahirwe umusaruro."

Ibi bije mu gihe u Rwanda rukomeje gushora imari mu bikorwa remezo by'ingenzi, harimo n'ikibuga cy'indege mpuzamahanga kiri kubakwa i Bugesera. Ubushakashatsi bw'Ikigo Mpuzamahanga gishinzwe Ubwikorezi bwo mu kirere (IATA) bwagaragaje ko mu 2025, ubwikorezi bwo mu kirere bwinjirije u Rwanda arenga miliyari 180 Rwf kandi rwatanze akazi ku bantu barenga 42,000.

Ni mu gihe Raporo y'Ikigo cy'Abongereza, SkyTrax cyatangaje ko Ikibuga Mpuzamahanga cy'indege cya Kigali cyaje ku mwanya wa mbere mu byiza mu Karere k'Afurika y'Iburasirazuba n'uwa munani ku mugabane wa Afurika mu mwaka wa 2026.








Perezida Paul Kagame yibukije ko iterambere ry'Abayisilamu ari n'iterambere ry'Igihugu

# Abayisilamu iyo bateye imbere n'Igihugu gitera imbere - Perezida Kagame

MUTETERAZINA Shifah

*Perezida wa Repubulika, Paul Kagame yagaragaje ko inshingano z'ubuyobozi ari ugutera inkunga abaturage mu bikorwa by'iterambere, ndetse ko iterambere ry'Umuyisilamu ari ryo terambere ry'Igihugu ari na byo yashingiyeho abemerera inkunga izakoreshwa mu bikorwa bateganya by'ubwubatsi.*

Perezida Kagame yavuze ko abayisilamu bagize amateka y'umwihariko ariko bakaza kugira andi bahuriyeho n'abandi baturage, kuri ubu icyakozwe kikaba ari impinduka zakozwe kandi zari zikwiye gukorwa.

Ni bimwe mu byo yagarutseho kuri uyu wa Gatatu tariki 25 Werurwe 2026, ubwo yari mu gikorwa cyamuhuje n'Abayisilamu bo mu Rwanda mu rwego rwo kwizihiza Umunsi Mukuru wa Eid Al-Fitr wabaye tariki 20 Werurwe 2026.

Perezida Kagame yavuze ko ubuyobozi bwiteguye gutera inkunga ibikorwa by'iterambere Abayisilamu bateganya kubaka nk'uko byagaragajwe na Mufti w'u Rwanda, agaragaza ko inshingano zabo nk'inzego z'ubuyobozi ari ugutera inkunga abaturage.

Yagize ati: "Iyo ibintu byifuzwa kugerwaho bishyizwe hanze bigaragara nk'ibyo Abayisilamu bavuze ni inzira barimo kandi bigenda mu nzira yo kwiteza imbere nk'Abayisilamu. Ubundi twebwe inzego ziyobora Igihugu cyacu icyo tuba dushinzwe ni ukubatera inkunga uko dushoboye. Iyo nkunga rero irahari izaboneka uko ishobotse."

Yakomeje agira ati: "Muzangaye gutinda ariko ntabwo bizahera, hanyuma indi nkunga irimo uburyo bwafasha kugira ibyo bwubaka ibyo rwose ntabwo uyu mwaka uzashira bidakemutse, ntabwo nzagaruka hano mubinyishyuza ahubwo tuzagaruka ari jye ubibishyuza. Abayisilamu iyo bateye imbere n'Igihugu kiba giteye imbere."

Perezida Kagame yasabye Abayisilamu kujya bashaka uko bakemura ibibazo mu buryo bw'ubwumvikane kuko nta muryango utagira ibibazo. Ati: "Naho ubundi nta muryango utabamo ututu n'utundi two kutumvikana n'ibindi ariko no mu Muryango wanyu w'Abayisilamu mujye mumenya uko mwicara mukadukemura hanyuma mukagira amahoro mugatanga amahoro no ku bandi. Ibyo kandi ni ko bikenewe no mu yandi madini."

Perezida Kagame kandi yavuze ko ibikorwa by'impinduka ubuyobozi bwakoze byagejeje ku bumwe bw'Abanyarwanda no kudaheza byari ngombwa, kandi umusaruro wabyo uragaragara ariko kandi buri wese akwiye kugira uruhare mu kubibungabunga.

# RDF yaganirije ku mutekano abahagarariye inyungu za gisirikare



Umuyobozi w'Ishami rishinzwe imikoranire mpuzamahanga mu bya gisirikare muri RDF, Brig Gen Patrick Karuretwa, asobanura uko umutekano w'u Rwanda uhagaze

SHEMA Ivan

*Abashinzwe imikoranire mu bya gisirikare (Defence Attachés) bahagarariye ibihugu bitandukanye mu Rwanda, basobanuriwe ku mutekano w'u Rwanda n'uwo mu Karere. Ni ibiganiro byabaye tariki ya 26 Werurwe 2026, ku cyicaro cya Minisiteri y'Ingabo ku Kimihurura.*

Usibye umutekano w'u Rwanda n'uwo mu Karere, banahawe ishusho y'uruhare rw'Ingabo z'u Rwanda mu bikorwa by'Umuryango w'Abibumbye byo kubungabunga amahoro no mu butumwa bw'amahoro bushingiye ku mikoranire ya gisirikare hagati y'ibihugu.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe ubufatanye mpuzamahanga mu bya gisirikare muri Minisiteri y'Ingabo, Brigadier General Patrick Karuretwa yagaragaje ko ibi biganiro bisanzwe biba buri gihe ari urubuga rwihariye kandi rufite akamaro mu guteza imbere ibiganiro byubaka kandi byeruye ku bijyanye n'umutekano mu Karere no ku rwego rw'Isi.

Yagize ati: "Uru rubuga rufite akamaro kanini cyane muri iki gihe Isi irimo kunyura mu bihe bikomeye mu by'umutekano. Hirya no hino ku Isi, amakimbirane ariyongera, ubufatanye bw'ibihugu burageragezwa, kandi amategeko mpuzamahanga agenga imikoranire y'ibihugu ari gushyirwaho igitutu kitigeze kibaho mbere. Muri ibi bihe, ubufatanye bwimbitse kandi bwubaka ni ingenzi cyane mu rwego rw'inyungu rusange."

Umuyobozi w'Abahagarariye ibihugu mu bya gisirikare, Brigadier General Mohamed Mirghani Yousif Mohamed, uhagarariye Repubulika ya Sudani mu Rwanda, yashimye uko ikiganiro cyagenze, avuga ko cyari ingirakamaro kandi gitanga amakuru ahagije.

Yagize ati: "Turashimira umwanya mwafashe mutugezaho ishusho rusange y'umutekano uriho ubu, haba imbere mu gihugu no hanze yacyo," anongeraho ko u Rwanda ari igihugu kirangwa n'umutekano kandi ibyo ari ibyo kwishimira.

Iki gikorwa cyitabiriwe n'Abahagarariye ibihugu 36 baturutse mu bihugu n'imiryango mpuzamahanga itandukanye birimo Angola, Brésil, Botswana, u Bushinwa, Danemark, Misiri, Ethiopia, u Bufaransa, Ghana, u Budage, Isirayeli, u Butaliyani, u Buyapani, Yorodaniya, Kenya, Luxembourg.

Hari kandi abahagarariye Maroc, Namibia, Pologne, Qatar, Repubulika ya Koreya, u Burusiya, Sénégal, Sudani, Suède, Tanzania, Türkiye, Uganda, u Buholandi, u Bwongereza, Leta Zunze Ubumwe za Amerika, Zimbabwe, Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi ndetse n'Umuryango Mpuzamahanga utabara Imbabare (ICRC).

# U Rwanda rugiye kongera kwakira Inama Mpuzamahanga ya AfSBT




**Biteganyijwe ko u Rwanda ruzakira ku nshuro ya kabiri inama ya AfSBT muri 2028**

NTAWITONDA Jean Claude

***Mu mwaka wa 2028, u Rwanda rwemerewe kwakira ku nshuro ya kabiri Inama Mpuzamahanga y'Ishyirahamwe Nyafurika ryo Gutanga Amaraso (AfSBT) rwaherukaga kwakira mu mwaka wa 2016, binyuze mu Kigo cy'Igihugu cy'Ubuzima (RBC), mu Ishami ryo Gutanga Amaraso (BTD).***

Byatangarijwe mu nama ya AfSBT iri kubera i Windoek muri Namibia ku nshuro yayo ya 12, yatangiye kuwa 21 ikazasozwa kuwa 26 Werurwe 2026 ikaba yitabiriwe n'Umuyobozi w'Ishami ryo Gutanga Amaraso Dr. Muyombo Thomas.

Inama Mpuzamahanga ya AfSBT ihuriza hamwe inzobere, abayobozi n'abakora mu rwego rw'ubuvuzi bwifashisha amaraso (Blood Transfusion Medicine) baturutse hirya no hinomuri Afurika n'ahandi ku Isi bagera ku 1,000 buri myaka 2. Itegurwa na AfSBT ku bufatanye n'igihugu kiba cyayakiriye hamwe n'abandi bafatanyabikorwa babarizwa mu rwego rw'ubuzima.

Muri iyi nama hazerekanwa intambwe imaze guterwa mu buziranenge bw'amaraso, uburyo bugezweho bwo kugeza amaraso ku barwayi bukoreshwa mu Rwanda bw'Indege zitagira abapilote (Blood delivery using drones), aho u Rwanda rufatanya n'Ikigo cy'Abanyamerika kitwa Zipline. Muri iyi nama hazerekanwa kandi ikoranabuhanga rigezweho mu buvuzi bukoresha amaraso.

Ishami ryo Gutanga Amaraso mu Rwanda rifite amashami 5 (Ishami muri buri Ntara n'Umujyi wa Kigali), ashinzwe gushaka maraso ahabwa abarwayi. Rifite kandi Laboratwari i Kigali iyapima, ikanayatunganya mbere yo guhabwa ibitaro. Raporo ya RBC/BTD yo mu mwaka wa 2025 igaragaza ko ibitaro birenga 80 byahawe amaraso mu gihugu, ahabwa abarwayi barenga 120 000 ku kigero cya 99,72%.

U Rwanda kandi rufite icyemezo cy'Ubuziranenge bw'Amaraso cyo ku rwego rwa 3 (Level 3 Accreditation) gitangwa na AfSBT kuva mu 2016. Ishami ryo Gutanga Amaraso kandi rikoresha ikoranabuhanga rigezweho mu bikorwa byose birebana no gutunganya amaraso ahabwa abarwayi.

**Ibyo wamenya ku buvuzi bwifashisha amaraso (Blood Transfusion Medicine)**

Ubuvuzi bwifashisha amaraso ni igice cyihariye cy'ubuvuzi bukoresha amaraso n'ibiyakomokaho (Blood and blood products). Ni serivisi itabara abarwayi cyane cyane mu gihe cy'ibiza cyangwa impanuka, mu kubaga, mu kuvura indwara zidakira n'ahandi. Ubu buvuzi bwateye imbere ku buryo ubu umurwayi ahabwa igice cy'amaraso akeneye (Blood components: Red / White cells, plasma, platelets, Cryoprecipitate).

Ubuyobozi bwa BTD buvuga ko mu Rwanda, abantu bakunda guhabwa amaraso kwa muganga ari abana bari munsi y'imyaka itanu bakunda kuzahazwa na malaria n'izindi ndwara, ababyeyi babyaye bakava cyane, abakomerekejwe n'impanuka, ndetse n'abafite indwara zikomeye cyane cyane iz'igihe kirekire nka kanseri n'izindi.

Ibihugu biheruka kwakira iyi Nama Mpuzamahanga ya AfSBT ni Uganda (2024), Namibia (2026), u Rwanda rwo rukaba rwaherukaga kuyakira mu 2016. Kongera kwakira iyi nama ni ikimenyetso cy'uko u Rwanda rukomeje kwesa imihigo mu buvuzi bwifashisha amaraso ndetse n'ubuziranenge bwayo nkuko Dr. Muyombo Thomas, Umuyobozi w'Ishami ryo Gutanga Amaraso (BTD), abivuga.

Yagize ati: "Kwakira Inama Mpuzamahanga ya AfSBT ku nshuro ya 2 ni ikimenyetso cy'uko u Rwanda rwiyemeje gutanga serivisi z'amaraso zizewe, zujuje ubuziranenge kandi amaraso akagera kuri buri murwayi wese uyakeneye aho yaba ari hose mu Rwanda mu gihe gito gishoboka. Ni amahirwe yo gusangiza abandi ibyo twagezeho, kwigira ku bandi no gukomeza kubaka urwego ruhamye mu Rwanda no mu Karere ruherereyemo."

Hamwe n'izindi gahunda zitandukanye zigamije kubona amaraso ahagije kandi afite ubuziranenge, u Rwanda runafite gahunda yihariye yitwa "Intwari Club 25". Ni gahunda yashyizweho igamije kongera amaraso atangwa buri mwaka ikaba yibanda cyane ku gushishikariza urubyiruko gutanga amaraso inshuro 25 mu gihe cy'imyaka 7, kugira ngo Igihugu kibone amaraso ahagije kandi yizewe.



**Dr. Muyombo Thomas hamwe na Dr. Solomuzi Ngcobo Umuyobozi wa AfSBT**





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

## *Mituweli, umwihariko w'u Rwanda washobeye amahanga*

Gahunda y'Ubwisungane mu Kwivuza (Mituweli), yatangijwe nk'uburyo bumwe bwo kwishakamo ibisubizo, aho imiryango yunganirana mu kwivuza kandi buri wese akabaho atekanye, adahangayikishijwe n'ibishobora kuba igihe yafatwa n'indwara itunguranye adafite ubushobozi bushobora kumuvura.

Iyi gahunda ni imwe mu nkingi z'ubuzima zigaragaza uburyo Igihugu gitekereza ku baturage bacyo mu buryo bw'igihe kirekire kuko buri wese atanga umusanzu muke cyane ariko akemererwa kwivuza mu mwaka wose bitamusabye ikiguzi cy'umurengera.

Iyi sisitemu y'ubwishingizi bw'ubuzima ni yo yahurije hamwe abaturage bo mu byiciro byose by'ubushobozi, kandi buri wese akabona uburenganzira busesuye kuri serivisi z'ubuvuzi ku giciro gito cyangwa ku buntu.

Mituweli yatumye abaturage benshi bava mu bwigunge n'ubukene bwo kutabona ubuvuzi. Ubu, umuturage wo mu cyaro ashobora kwivuza ku kigo nderabuzima atitaye ku kuba afite amafaranga menshi.

Ibi byatumye umuturage ashobora kwivuza yaba indwara zoroheje ndetse n'izikomeye, kandi bigabanya imfu zituruka ku kutabona serivisi z'ubuzima ku gihe. Uyu munsi hari na zimwe mu ndwara zikomeye zavurizwaga mu mahanga nk'impyiko na kanseri zisigaye zivurizwa kuri Mituweli.

Abahanga n'abakuriye imiryango mpuzamahanga mu by'ubuzima bagiye bashimira u Rwanda uburyo rwubatse sisitemu ishingiye ku baturage, ikaba yerekana ko n'ibihugu bifite ubushobozi buke bishobora gushyiraho uburyo burambye bwo kwita ku buzima.

Mituweli yabaye isomo rikomeye ku bihugu byinshi byo muri Afurika n'ahandi, bigaragaza ko ubuzima bwiza ari uburenganzira, atari impano, kandi ko bushobora kubungabungwa kuri buri wese mu bushobozi bwose yaba afite.

Umuturage ufite ubuzima bwiza aba afite imbaraga zo gukora, kwiga, no gutanga umusanzu mu iterambere ry'Igihugu. Mituweli rero si gahunda y'ubuzima gusa, ahubwo ni moteri y'iterambere ry'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage.

Uko Isi igenda ihindagurika, ni na ko sisitemu nk'izi zishingiye ku muturage zikenera gusigasirwa kugira ngo zidacibwa intege n'iryo hindagurika akenshi rijyana n'ikiguzi cy'ubuvuzi kigenda cyiyongera, impinduka z'ubukungu zigira ingaruka ku gaciro k'ifaranga n'ibindi.

Niba ibihugu bitandukanye bishimira uburyo u Rwanda rwishatsemo ibisubizo bigaragarira mu mibereho myiza irushaho kunozwa, birakwiye ko abantu bashyigikira kandi bakitabira gutanga umusanzu wiyongereye kugira ngo abakoresha ubu bwishingizi barusheho kubona serivisi zinoze.

# Urubanza rw'u Rwanda n'u Bwongereza rurasomwa bitarenze 2026



**Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta, Dr. Ugirashebuja, yasobanuye ibyerekeranye n'amasezerano ibihugu byombi byagiranye**

UBWANDITSI

***Umwanzuro ku rubanza u Rwanda rwarezemo u Bwongereza ku kutubahiriza amasezerano ibihugu byombi byagiranye ashingiye ku bimukira, Urukiko Mpuzamahanga rw'Ubuhuza (Permanent Court of Arbitration - PCA) rukorera i La Haye mu Boholandi rwavuze ko uyu mwanzuro uzatangazwa ku wa 15 Gicurasi 2026.***

Itariki yatangajwe nyuma y'uko impande zombi zumviswe mu rubanza rwabaye kuva ku itariki 18-20 Werurwe 2026, nk'uko bigaragara mu nyandiko y'Urukiko inshamake n'amatariki yaranze urubanza.

Leta y'u Rwanda yareze u Bwongereza tariki 24 Ugushyingo 2025, u Bwongereza bwiregura ku wa 12 Ukuboza 2025, ku rubanza bwarezwemo n'u Rwanda.

Urukiko rwatangiye gukurikirana ikirego ku itariki 6 Mutarama 2026, mu gihe tariki 27 Mutarama, u Rwanda rwari rwatanze umwanzuro warwo muri urwo rukiko ku kirego rwari rwatanze, u Bwongereza nabwo buhita butanga umwanzuro wo kwiregura.

Nk'uko bisanzwe bigenda mu manza, u Rwanda rwagize icyo ruvuga kuri uwo mwanzuro w'ubwiregure bw'u Bwongereza ku wa 5 Werurwe 2026.

Habaye inama ntegurarubanza yari igamije kunoza uburyo impande zombi zizitwara mu rubanza ndetse buri ruhande rusabwa gutanga ibimenyetso n'abatangabuhamya bashyigikira ibyo ruvuga.

Urubanza rwatangiye ku wa 18 Werurwe 2026, u Rwanda ruhagarariwe n'itsinda riyobowe na Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta, Dr. Ugirashebuja Emmanuel, mu gihe u Bwongereza bwari buhagarariwe n'abayobowe na Dr. Tamsin Stubbing umuyobozi muri Minisiteri y'Umutekano Imbere mu Gihugu.

Urukiko rwatangaje ko nyuma yo gufata icyemezo, impande zombi zizagira umwanya wo kugisuzuma no kureba niba hari ibyakosorwa birimo nk'amakosa y'imyandikire mu gihe cy'iminsi 10 impande zombi ziba zifite, na byo byakwemezwa bigakorwa bitarenze mu minsi 30.

Mu iburanisha, Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta, Dr. Ugirashebuja, yasobanuye ko ibihugu byombi byagiranye amasezerano agamije gufasha abimukira binjira mu Bwongereza mu buryo bunyuranyije amategeko kubera ko bwabonaga u Rwanda nk'igihugu cyiza mu bijyanye no kwita ku buzima bw'impunzi n'abimukira.

U Rwanda ruvuga ko mu nyandiko zo muri Kamena 2024, u Bwongereza bwemeye gutanga miliyoni 50 z'ama-pound muri Mata 2025 n'izindi miliyoni 50 z'ama-pound muri Mata 2026, binyuze mu kigega cyiswe Economic Transformation and Integration Fund (ETIF).

Izi nshingano ntizigeze zikurwaho mu buryo bwemewe n'amategeko, mu gihe u Bwongereza bwarenze ku masezerano y'imari kubera ko butatanze ayo mafaranga nk'uko byari byarateganyijwe.

U Bwongereza ntibuhakana ko izo nshingano zari ziri mu masezerano yo muri Kamena 2024.

Icyakora, icyo bwisobanuraho ni uko mu Ugushyingo 2024, nyuma y'ibiganiro byabayeho hagati y'impande zombi, bumvikanye ku ivugururwa ry'amasezerano rifite agaciro k'amategeko, aho u Rwanda rwemeye kureka kwishyurwa ya mafaranga ya ETIF yagombaga gutangwa muri Mata 2025 no muri Mata 2026.

Nyamara nubwo u Bwongereza buvuga ko nta mafaranga yari asigaye agomba kwishyurwa u Rwanda. U Rwanda rwifuza ko u Bwongereza bwasaba imbabazi ku kwica nkana amasezerano no kutubahiriza inshingano zabwo uko bwari bwabyiyemeje.



Umubare w'imfu z'ababyeyi bapfa babyara ugenda ugabanyuka

# Imfu z'ababyeyi babyara zagabanyutseho 61/100 000 - Dr. Nsengiyumva

NYIRANEZA Judith

***Imfu z'ababyeyi bapfaga mu gihe cyo kubyara zagabanutseho 61/ 100,000, bitewe n'imbaraga Guverinoma y'u Rwanda yashyize mu kwita ku buzima kuva mu 2017. Icyo gihe, umubare w'ababyeyi bapfaga babyara wari kuri 210/ 100,000 none ubu ugeze ku 149/100 000 muri 2025.***

Byagarutsweho na Minisitiri w'Intebe, Dr. Justin Nsengiyumva, kuri uyu wa Kane ubwo yagiranaga ikiganiro n'abagize Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi, abagaragariza uko urwego rw'ubuzima ruhagaze.

Ikiganiro kibanze ku bikorwa bya Guverinoma ku nsanganyamatsiko igira iti 'Umuturage ku isonga: gukomeza kubaka Umunyarwanda ufite ubuzima buzira umuze, utekanye kandi wiha agaciro'.

Yagize ati: "U Rwanda rwateye intambwe ishimishije mu bijyanye n'ubuzima bw'ababyeyi n'abana, kuva 2017-2025, umubare w'ababyeyi bapfa babyara wavuye kuri 210/100 000 ugera ku 149/100 000. Imfu z'abana batarengeje imyaka 5 zo zavuye kuri 50/1 000 bavutse ari bazima zigera kuri 36/1 000."

Yakomeje agaragaza ko u Rwanda turi ku gipimo cyiza hagereranyijwe no muri Afurika yo munsi y'ubutayu bwa Sahara. Ati: "Byerekana ko turi hejuru y'impuzandengo y'Akarere ka Afurika yo munsi y'Ubutayu bwa Sahara, aho umubare w'ababyeyi bapfa babyara ungana na 448/100 000 naho imfu z'abana bari munsi y'imyaka 5 zikaba ari 68/1 000 bavutse ari bazima.

Mu rwego rwo gukomeza kugabanya imfu ku babyeyi n'abana bato, Guverinoma ikomeje gushyira imbaraga mu ngamba zo guteza imbere serivisi zo kwita ku bagore batwite no ku bana bakivuka. Ati: "Zimwe muri izi ngamba ni ugutanga inyunganiramirire n'imyunguguzikomatanyije ku bagore batwite, kuvura ababyeyi bafite ikibazo cyo kubura amaraso, kuvura no gukumira indwara z'abana bato.


By'umwihariko Guverinoma ikomeje gushyira mu bikorwa gahunda zihariye zigamije gukemura ikibazo kihariye cy'igwingira ry'abana bato. Izi kandi zigendana n'izo kwita ku babyeyi batwite kugeza babyaye ndetse na nyuma yaho mu gihe cyo konsa kugeza umwana agejeje imyaka 2.

Yagize ati: "Igipimo cy'igwingira ry'abana bato cyavuye kuri 33% mu 2020 kigera kuri 27% mu 2025. Guverinoma izakomeza kurwanya igwingira mu buryo budasanzwe hibandwa cyane cyane mu Turere aho igwingira rikiri ku bipimo byo hejuru. Mu gukemura iki kibazo, kandi hari na gahunda y'iminsi 1,000 ya mbere y'ubuzima bw'umwana yita ku buzima bw'umubyeri agisama no ku mwana kugeza agejeje imyaka 2."

Bitewe n'uburyo hubatswe ibikorwa remezo birimo imihanda, amavuriro n'inzu z'ababyeyi, kongera ibikoresho n'abaganga bikagenda byegerezwa abaturage, byatumye ubuzima bw'ababyeyi n'abana burushaho gusigasirwa, bikanazamura ubwitabire bw'abagana kwa muganga, bakubahiriza inshuro umunani umubyeyi utwite asabwa kwipimisha bityo akanagirwa inama n'abaganga zigamije kurengera ubuzima bw'umubyeyi n'uwo atwite.

Ibyakozwe mu rwego rw'ubuzima byatumye icyizere cyo kubaho kizamuka kuko umuntu aba afite byose byo kuzamura imibereho myiza, cyavuye ku myaka 66,2 kigera ku myaka 70.

# Indwara y'igituntu iracyahangayikishije u Rwanda



Igituntu ni ndwara yibasira ibihaha, ariko iyo ivuwe hakiri kare irakira

KAMALIZA Agnes

***Ikigo cy'Igihugu cy'Ubuzima (RBC) kigaragaza ko indwara y'igituntu ari imwe mu zigihangayikishije kuko u Rwanda rugifite abarwayi 62 mu baturage ibihumbi 100. Ni mu gihe ibipimo by'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Buzima (OMS) bigaragaza ko indwara ku Isi iba idahangayikishije cyane mu gihe igaragaza ubwandu bw'abarwayi 10 mu bihumbi 100.***

Ubwo hazirikanwaga umunsi Mpuzamahanga wo Kurwanya Igituntu ku wa 24 Werurwe 2026, RBC yagaragaje ko iyo ndwara mu Rwanda igihari kandi ihangayikishije, bityo abantu bakwiye kwitabira kwisuzumisha no kwivuza hakiri kare kuko ivurwa ku buntu kandi hejuru ya 90% by'abayivuza bakira.

Umuyobozi mu Ishami ryo kurwanya Igituntu muri RBC, Dr Habimana Mucyo Yves avuga ko Abanyarwanda bakwiye kumenya ko iyo ndwara ihari bakayisuzumisha batararemba. Yagize ati: "Indwara y'Igituntu iracyahari kandi serivisi zo kuyivura zitangirwa ubuntu hirya no hino ku mavuriro. Kiravurwa kigakira kuko hejuru ya 90% by'abarwayi twagize mu myaka ibiri ishize baravuwe kandi barakira neza."

Bimwe mu bimenyetso by'Igituntu harimo kugira inkorora irenze ibyumweru bibiri, guhinda umuriro mu bitugu, gucika intege, ikirezirezi mu kanwa, gucika intege, gutitira, guta ibilo n'ibindi. RBC igaragaza ko Igituntu kiri mu ndwara 10 za mbere zihitana abantu benshi ku Isi kikaba kandi kimwe mu byuriririzi bikunze kuzahaza abafite ubwandu bwa Virusi itera SIDA.

**U Rwanda rufite intego yo kurandura indwara y'igituntu mu mwaka wa 2030, ni muri urwo rwego rwafashe ingamba zinyuranye zigamije kuyihashya, muri zo harimo ko abantu babana n'uwagaragaweho iyo ndwara babatangiza imiti yo kubarinda kuko baba bafite ibyago byo kuzayirwara mu myaka iri imbere.**

Indwara y'igituntu ishobora gufata ibice byose by'umubiri, bityo hakaba hari ushobora kugira igituntu cyo mu magufwa ntakorore ariko akagaragaza ibimenyetso birimo umuriro, kunanuka…

Ni indwara ivurwa igakira mu gihe umurwayi yubahiriza inama agirwa n'abaganga; akanywa imiti neza kuko byagaragaye ko hari abayicikiriza bakazasubira kwa muganga barwaye igituntu cy'igikatu.

Mu kwirinda iyi ndwara, ahantu hahurira abantu benshi, mu biro, mu mashuri, mu ngo basabwa kuugira umuco wo gufungura amadirishya bagahumeka umwuka mwiza.

Ikindi kandi, RBC igaragaza ko mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2024/25 wagaragaje ko mu Rwanda hari abarwayi b'igituntu 8 196, mu 2023/24 bari 8 551 naho mu 2022/23 bari 9 842.

Ni mu gihe ubushakashatsi ku Mibereho n'Ubuzima bwa 2020, (DHS7) bwagaragaje ko 68% bonyine by'ababajijwe ari bo bafite ubumenyi ku buryo indwara y'igituntu yandura.





# U Rwanda n'u Bwongereza mu bufatanye bwo kubungabunga umusaruro w'ibihingwa




Abafatanyabikorwa batandukanye b'u Rwanda n'u Bwongerezabari bari kwigira hamwe guteza imbere ishoramari rirengera ibidukikije

KAMALIZA Agnes

***Guverinoma y'u Rwanda n'iy'u Bwongereza ziri kurebera hamwe uko zakwita ku ishoramari rirengera ibidukikije by'umwihariko binyuze mu gushaka ibyuma bigezweho bitangiza ibidukikije bikonjesha, bikanabika umusaruro wangirika mu gihe cy'isarura.***

Minisiteri y'Ibidukikije igaragaza ko ibyo biganiro byatangiye ku itariki ya 24 Werurwe 2026, barimo kugirana n'u Bwongereza byibanda ku kureba uruhare rwa buri wese kugira ngo haboneke ubushobozi bwo kubona ibyuma bikonjesha bitangiza ibidukikije ndetse byegerezwe abahinzi hagamijwe kubungabunga uwo musaruro.

Imibare ya Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi, (MINAGRI) igaragaza ko umusaruro w'ubuhinzi wangirika kubera kutagira ubuhunikiro, ubwanikiro, uburyo bwo kumisha no gukonjesha ibyasaruwe, biri ku kigero cya 13.8%, ariko hari intego yo kuwugabanya ukagera munsi ya 5% bitarenze mu 2029.

Ibitunguru byangirika ku kigero cya 15.4%, urusenda; 17.2%, umuceri 12.4%, ibigori; 13.8% mu gihe imboga n'imbuto byangirika bitewe no kubura ibyuma bikonjesha bibikwamo.

Minisitiri w'Ibidukikije Dr. Arakwiye Bernadette avuga ko ibiganiro barimo n'u Bwongereza bizatanga ibisubizo birambye bigamije gukemura ibyo bibazo, hanitabwa ku bidukikije cyane ko hari zimwe mu mashini byagaragaye ko zangiza akayunguruzo k'imirasire y'izuba (Ozone).

Yagize ati: "Turi kuganira ngo turebe amahirwe ahari n'inkunga yaboneka mu kurengera ibidukikije twakwifashisha mu gukomeza gutera imbere muri izo gahunda zo kugira ibyuma bikonjesha bikora neza, byegereye aho umusaruro uturuka."

Binyuze mu bufatanye n'u Bwongereza u Rwanda rwungutse Ikigo Nyafurika cy'Icyitegererezo mu bijyanye no gukonjesha imiti, inkingo n'ibiribwa (Africa Center of Exellence for Sustainable Cooling and Cold Chain/ ACES).

Dr. Arakwiye agaragaza ko cyashyizweho mu rwego rwo kurengera ibidukikije no kubungabunga umusaruro.

Yagize ati: "Biri kudufasha gupima ibyo bikoresho bikonjesha n'ibindi bikoresho bishamikiye ku bintu byo gukonjesha kuko murabibona uko ubushyuhe bugenda bwiyongera bigenda bisaba ko dushyiramo ibyuma bikonjesha."

Yakomeje agira ati: "Turifuza ko ibyuma biza mu Rwanda byaba byujuje ubuziranenge kuko hari ibyuma byagaragaye ko bifte ibinyabutabire byanduza umwuka n'akayunguruzo k'izuba gatuma ikirere gikomeza gushyuha mu buryo budasanzwe."

Ashimangira ko ACES ifasha gupima ibyo byuma no kubisuzuma mu gihe bigize ikibazo bigakomeza gukora uko bikwiye.

U Bwongereza buvuga ko buri kuganira mu buryo bwagutse n'u Rwanda hagamijwe guteza imbere imikoranire irambye irengera ibidukikije.

Umujyanama wa Leta y'u Bwongereza mu by'imihindagurikire y'ibihe muri Afurika y'Uburasirazuba, Gwilym Jones agaragaza ko hakenewe uruhare mu gufungura amarembo yagutse y'ishoramari hibandwa kurengera ibidukikije mu buryo burambye.

Yagize ati: "Turi kubaka ubufatanye bukomeye hagati y'impande zombi dushora mu bikorwa byadufasha. Burakora mu nzego z'ingenzi haba mu buryo bwo gukonjesha mu buhinzi, no gukemura ibyo bibazo mu buryo burambye."

Umuyobozi Mukuru wa ACES, Toby Peters agaragaza ko umusaruro wa Afurika ungana na 30% wangirikira mu gihe cy'isarura ku bwo kubura uburyo ubikwamo; ibyo bikagaragaza igihombo mu buryo bw'amafaranga, kwihaza mu biribwa n'ibindi bihombo biterwa n'ibyo umuntu ashora mu gihe cy'ihinga.

Ubu ikigo ACES gifite ibice bitandukanye, birimo aho abanyeshuri bigira, ububiko bushobora gushyirwamo ibiribwa n'imiti bigakonjeshwa mu buryo bwagenwe, Laboratwari ifasha mu gusuzuma ibyuma bigezweho bikonjesha, icyumba cyerekanirwamo uko iri koranabuhanga rishyirwa mu bikorwa n'ibindi.

# Abavuye i Burundi na RDC biga mu Rwanda barashima ko batekanye

NGABOYABAHIZI Protais

***Mu gihe mu Karere k'Ibiyaga Bigari hakomeje kugaragara ibibazo by'umutekano muke, bamwe mu banyeshuri baturutse mu Burundi no muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) bishimira ko u Rwanda rwabakiriye ndetse bakaba bakomeje kuhabonera uburezi bufite ireme.***

Abanyeshuri babigarukaho ni abiga muri Kaminuza yigenga ya INES Ruhengeri, aho bavuga ko bahisemo kuza kwiga mu Rwanda kubera ko batashakaga gucikiriza amashuri kubera umutekano muke urangwa mu bihugu by'iwabo.

Bamwe muri bo bavuga ko bageze mu Rwanda bafite ubwoba bwinshi bitewe n'ibihuha bumvaga ku Rwanda, ariko ubu bakaba bamaze imyaka isaga ine babayeho mu ituze n'umutekano usesuye.

Ubwo bitabiraga iserukiramuco ryahuje abanyeshuri biga muri INES Ruhengeri, baturuka mu bihugu bigera kuri 15, abo banyeshuri bagaragaje uburyo bishimiye uko bakiriwe mu Rwanda ndetse n'uburyo bafashwe neza.

Ibyo ngo bikuraho impungenge z'abaturutse muri RDC no mu Burundi bari bafite impungenge ko bashobora kutagirira umutekano usesuye mu Rwanda, aho bamwe banakekaga ko bashobora gutotezwa.

Umwe mu banyeshuri baturutse mu Burundi, yagize ati: "Twaje twumva ko dushobora kutazahabwa umutekano, ariko tumaze imyaka irenga ine hano mu Rwanda, twasanze ari igihugu gitekanye cyane. Turiga, tugatembera amasaha 24/24 nta kibazo dufite."

Undi munyeshuri wo muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo, na we yemeza ko bakiriwe neza ati: "Twaje tuzi Igifaransa gusa, ariko kubera ubufatanye na bagenzi bacu b'Abanyarwanda, twize Icyongereza ku buryo bunoze. Ubu turaganira neza kandi twiyumva nk'abari iwacu, hari ubwo iyo tugeze iwacu batubaza koko niba twiga dutuje tukabasaba kuza gusura u Rwanda kandi abenshi baraje bamaze gusobanukirwa."

Aba banyeshuri banashimira umunsi w'iserukiramuco bagira kuko ubafasha gusangira umuco w'ibihugu bitandukanye bikabafasha kurushaho kumva ko bari kumwe. Banashimangira ko ubusabane bafitanye n'urubyiruko rw'u Rwanda bwababafashije kwiyumva mu buzima bwabo bwa buri munsi.

Basaba urundi rubyiruko, cyane cyane urwo mu Karere, guharanira kubiba amahoro, kwirinda ivangura no gushyira imbere ubumwe, kuko ari byo bituma iterambere rigerwaho.

Tumusifu Innocent, Umwe mu banyeshuri b'Abanyarwanda wiga muri INES Ruhengeri, na we avuga ko mu ntangiriro babonaga bagenzi babo baturutse mu Burundi na Congo batabisanzuyeho, ariko buhoro buhoro bagiye biyumva mu Rwanda.

Ati: "Ubu usanga basabana na buri wese, kandi hari n'abamaze gufata icyemezo cyo kuzahakorera. U Rwanda ni igihugu cyiza kandi gitekanye, gusa nkatwe b'urubyiruko twirinda amacakubiri kuko ni twebwe Afurika y'Ejo."

Umuyobozi w'Ikirenga wa INES Ruhengeri, Musenyeri Harorimana Vincent, na we yagaragaje ko bashyira imbaraga mu kwakira neza abanyeshuri baturutse mu mahanga, ndetse bakabaganiriza ku byiza by'u Rwanda.

Yagize ati: "Duhora tubabwira kwimakaza amahoro no kwirinda abashaka gukurura amakimbirane n'inzangano. Afurika nubwo igizwe n'imico itandukanye, mu by'ukuri ni umuryango umwe."

Musenyeri Harorimana akomeza ashimangira ko uburezi bufite uruhare runini mu kubaka ubumwe n'amahoro arambye, bityo ko ari inshingano za buri wese cyane cyane urubyiruko kubungabunga ibyo byiza.



Abanyekongo biga muri INES Ruhengeri bamuritse umuco wo kubyina no kuririmba

# Kuvugurura Mituweli si ugushyira umuzigo ku baturage - Minisitiri w'Intebe

NYIRANEZA Judith

***Ubuzima bwiza buzira umuze ni bwo bwa mbere butuma abantu babasha gukora bagatera imbere, bityo Guverinoma y'u Rwanda yashyize imbaraga mu kubungabunga ubuzima bw'abaturage binyuze mu nzego zitandukanye harushaho kunoza serivisi z'ubuzima, harimo n'ubwisungane mu kwivuza, bityo Mituweli ikaba atari umuzigo ku baturage, ahubwo ari uburyo bworohereza bose kwivuza.***

Ni ibyagarutsweho na Minisitiri w'Intebe, Dr. Nsengiyumva Justin ubwo yagiranaga ikiganiro n'abagize Inteko Ishinga Amategeko Imitwe yombi, cyibanze ku bikorwa bya Guverinoma ku nsanganyamatsiko igira iti 'Umuturage ku isonga: Gukomeza kubaka Umunyarwanda ufite ubuzima buzira umuze, utekanye kandi wiha agaciro'.


Minisitiri w'Intebe, Dr. Nsengiyumva Justin yagaragaje ishusho y'urwego rw'ubuzima

Dr, Nsengiyumva yavuze ko mu guteza imbere urwego rw'ubuzima hibandwa ku ngingo 5 ari zo gukomeza guteza imbere ubuvuzi bw'ibanze, kongera abakora mu rwego rw'ubuzima, guteza imbere ibikorwa remezo mu rwego rw'ubuzima, gukurikirana no kwirinda indwara z'ibyorezo no guteza imbere ubushakashatsi n'iterambere ry'urwego rw'ubuzima.

**Guteza imbere ubuvuzi: Mituweli si umuzigo ku baturage**

Mu kwita ku buzima hashyizweho uburyo bworoshya kwivuza, harimo ubwisungane mu kwivuza (Mituweli) bwatangiye mu 2011, kuri ubu bwanazamuriwe ibiciro hashingiwe ku byiciro abantu barimo bigaragara muri Sisitemu imibereho, ahishyurwa hagati y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi 3 na 20. Ibyo byakozwe hagamijwe kongerera ubushobozi urwego rw'ubuvuzi, ku buryo abarwayi bazajya babona ubuvuzi ku ndwara zinyuranye.

**Ku kibazo cy'ababa barashyizwe mu byiciro bitajyanye n'ubushobozi nta mpungenge bizakosorwa**

Dr. Nsengiyumva yagize ati: "Inzego z'ibanze zahawe amabwiriza ko zikwiye gufasha abaturage aho bigaragaye ko hari amakosa bigakosorwa byihuse, si ukuvuga ngo ibyo biciro bishya ntibishobora guhinduka.

Ahaba harabaye amakosa hakosorwa, bishobora guhinduka, ariko sisitemu ikwiye kubakwa ku buryo niba uyu munsi byakozwe nta kazi, ejo umuntu akabona akazi, sisitemu ikwiye kumushyira mu cyiciro cy'ubushobozi afite, kimwe nuko ufite akazi, gahagaze yashyirwa mu cyiciro kijyanye naho ari."

Yongeyeho ati: "Amavugurura ntagamije gushyira umutwaro uremereye ku baturage, ahubwo agamije gutuma iyi gahunda irushaho gukora neza mu buryo burambye ku nyungu za buri wese. Twe nk'Abanyarwanda ubuzima bwacu ni twe bureba, ni yo mpamvu dusabwa guhuza imbaraga ngo twishyure ikiguzi cy'ubuvuzi kugira ngo twese tubashe kwivuza. Ni byo bizadufasha gusigasira ubuzima no kwigira kuko ari byo shingiro ry'Igihugu cyacu."

Yatanze umucyo ku ishyirwaho ry'ibiciro bishya, avuga ko hashingiwe ku makuru buri rugo rwitangiye kuri Sisitemu imibereho kandi kongera amafaranga no gushyira abaturage mu byiciro byakoranywe ubushishozi, ndetse hazakomeza kwegera abaturage no kubakemurira ibibazo.

Ku kibazo cya Mituweli yazamutse, ibyiciro byahereye ku bushobozi bwabo. Icyiciro cy'abatishoboye ni icy'abatanga 4 000 ku muntu ku mwaka ni abatagira icyo binjiza bangana na 7% by'abaturage bose, Leta izabatangira amafaranga yose.

Sisitemu yasanze abashobora kuba binjiza amafaranga ari munsi ya 30 000 Frw ku kwezi batanga 4 000 Frw ariko Leta ikabongereraho 1 000 Frw bangana na 23%. Icyiciro gikurikiyeho ni icy'abahembwa cyangwa binjiza hagati y'amafaranga y'u Rwanda 30 000- 60 000 ku kwezi, abo batanga ibihumbi 5 000 bangana na 35%, icyiciro gikurikiyeho ni icyo sisitemu igaragaza ko binjiza hagati ya 60 000 – 120 000Frw ku kwezi basabwa 8 000 ku muntu ku mwaka, bangana na 27% naho icyiciro kindi gitanga 20 000 ku muntu ku mwaka ni abo bigaragara ko binjiza amafaranga arenga 120 000Frw ku kwezi bangana na 8%.

Gahunda ya Mituweli yagabanyije umutwaro w'ikiguzi cyo kwivuza, yashimangiye uburyo bwo kugeza kuri bose serivisi z'ubuvuzi kuko ari uburyo bw'ubwisungane magirirane, yatumye Abanyarwanda benshi batinyuka kujya kwa muganga bakivuza hakiri kare, kandi abagera kuri 88% bari muri Mituweli.

Ku bwishingizi bwa Mituweli hongewemo indwara zikunda kwibasira Abanyarwanda zigora kuzivura harimo kubagwa umutima, gusimbura impyiko kubagwa amagufwa n'umugongo, izisaba guhindurirwa igufwa ry'itako, guhabwa inyunganirangingo n'insimburangingo ku bafite ubumuga n'izindi. Hanongerewe urutonde rw'imiti ruva kuri 850 rugera ku miti 1 450.

Kwiyongera kw'indwara n'imiti byasabaga ko n'ikigega cya Mituweli kigira amikoro yisumbuye, ngo cyuzuze inshingano zacyo, ibyo bigomba kujyana no kongera amafaranga ari mu kigega Mituweli ikoresha.

Kuva mu myaka 10 ishize amafaranga ikigega cya Mituweli cyakoreshaga yikubye inshuro zirenze 2, yavuye kuri miliyari 39 Frw mu mwaka w'ingengo y'imari 2015/2016 agera kuri miliyari 98 Frw mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2024/2025. Umusanzu w'abanyamuryango wakomeje kuba 3 000 kuva 2011, byatumye uruhare rwabo ruva kuri 67% mu 20211 rugera kuri 32% mu 2025.

**Kugira abakozi bashoboye kandi bahagije**

U Rwanda rwongereye umubare w'abaganga b'inzobere bunganirwa n'Abajyanama b'ubuzima ari na bo musingi w'uru rwego. Mu gihugu hose hari Abajyanama b'ubuzima bagera ku 58 298, bakorera mu Midugudu yose. Hagamijwe kugera ku mubare uhagije w'abakozi mu rwego rw'ubuzima, hatangiye gahunda yo gukuba inshuro 4 umubare w'abakozi bo mu

KOMEZA KU RUP.11





Kuvugurura Mituweli si ugushyira umuzigo ku baturage - Minisitiri w'Intebe

IBIKURIKIRA URUP.10

rwego rw'ubuzima mu myaka 4 uhereye mu 2023.

***Mu myaka itatu abaganga bikubye 3***

Nyuma y'imyaka ibiri, umubare w'abanyeshuri batangira buri mwaka warazamutse uva ku mpuzandengo y'abanyeshuri 1 604 ku mwaka ugera ku 6 340 mu 2025, bigaragaza ko ku mpuzandengo y'imyaka 3 umubare wikubye inshuro zirenze 3. Abiga ubuvuzi mu byiciro bitandukanye basaga 33 000 kandi bazaba barangije amashuri mu nzego zitandukanye z'ubuvuzi mu 2028.


Abajyanamana b'ubuzima bashimirwa uruhare bagira mu guha ubuvuzi bw'ibanze abaturage

Kongera ubushobozi bw'abarimu mu nzego z'ingenzi mu buvuzi zirimo ububyaza, gutera ikinya, ubuvuzi bw'amaso n'amenyo, hazanakomeza kwagura ubufatanye hagati ya Leta n'abikorera hagamijwe kongera ibikorwa remezo byo kwigisha no kuzamura ubushobozi bw'abakozi.

Guverinoma izanakomeza guteza imbere ubufatanye mu Karere no ku rwego mpuzamahanga n'amashuri yigisha ubuvuzi ku buryo bworohereza abanyeshuri bacu gusangira ubumenyi n'imikorere myiza n'abandi.

**Kwegereza Abanyarwanda ibikorwa remezo by'ubuzima**

Hashyizwe imbaraga mu kwegereza Abanyarwanda ibikorwa remezo by'ubuzima, abaturage babona serivizi z'ubuvuzi binyuze mu mavuriro mato agera ku 1 300, hakozwe isuzuma ku mikorere bigaragara ko 90% akora neza, naho 10% harimo naho adakora na busa, biteganyijwe gukemurwa bitarenze uyu mwaka. Ku rwego rw'Imirenge hari ibigo nderabuzima 518, muri byo ibigera ku 8 byakira abarwayi benshi kandi bigatanga serivisi z'ubuvuzi bwisumbuye.

Mu Ntara y'Uburengerazuba, ibigo byongerewe ubushobozi harimo ikigo nderabuzima cya Bigogwe mu Karere ka Nyabihu, Nyabitimbo na Bweyeye biri mu Karere ka Rusizi. Mu Mujyi wa Kigali hari ibig nderabuzima bya Kanyinya, Gatenga na Nyarurenzi.

Mu Ntara y'Uburasirazuba mu Karere ka Bugesera hari ikigo nderabuzima cya Ngeruka, n'ikigo nderabuzima cyo mu nkambi y'impunzi ya Mahama mu Karere ka Kirehe. Ku rwego rw'Akarere hari ibitaro 34, ku rw'Intara n'Umujyi wa Kigali hari ibitaro, 3 naho ku rwego rw'Igihugu hari ibitaro 5 n'ibindi 5 bitanga ubuvuzi bwihariye.

***Hubatswe hanavugururwa ibitaro 10***

Kuva 2017, hubatswe hanavugururwa ibitaro 10 birimo Gatunda, Gatonde, Munini, Nyabikenke, Byumba, Nyarugenge, Masaka, Kabgayi, Kibogora na Shyira. Byanajyanye no kuvugurura no gushyira ibikoresho mu mavuriro mato, mu bigo nderabuzima no mu bitaro by'Uturere, ngo ubuzima bufite ireme bugerweho ku rwego rumwe mu gihugu hose.

***Imbangukiragutabara zikubye hafi kabiri, hazanozwa n'imicungire yazo***

Serivisi z'imbangukiragutabara zariyongereye ubu mu gihugu hose hari 510, zivuye 263 muri 2023. Hakomeje kunozwa imikoreshereze yazo ngo zitange serivisi nziza, Igihe zikoresha zigera ku murwayi ku mpuzandengo y'iminota 15 mu Mujyi wa Kigali bivuye ku minota 45. Mu Ntara cyavuye ku mpuzandengo y'amasaha 2,5 kigeze ku minota 45.

Hazakomeza kwagurwa ibikorwa remezo by'ubuzima, ubu hakomeje kubakwa no kuvugurura ibitaro birimo ibya Kibungo, Kirehe, Ruhengeri, Nyamata, Muhororo, Gihundwe n'ibitaro byo ku rwego rw'Akarere bya Ngarama bizakomeza no kujyana no kongera ibigo nderabuzima n'amavuriro mato.

***Abajyanama b'ubuzima na drone mu kwihutisha ubuvuzi***

Abajyanama b'ubuzima bakomeza kongererwa ubushobozi mu kuvura indwara zitandukanye, mu Turere 25 bamaze guhabwa telefone zibafasha kuvura bakoresheje ikoranabuhanga, uko ari 58 298 bose bazazigezwaho. Mu rwego rw'ubuzima, kuri ubu abarwayi bashobora gusaba guhura na muganga bagasuzumwa hakoreshejwe ikoranabuhanga. Amavuriro mato arenga 200 yatangiye gukoresha ibigo nderabuzima 349 byatangiye gukoresha uburyo bwa e-ubuzima.

Mu kunoza no kwihutisha kugeza imiti y'ibanze, inkingo n'amaraso ku mavuriro kuva muri Gicurasi 2016 hatangiye gukoreshwa drone, ubu drone 100 zikora ingendo 541 buri munsi zihutisha imiti, amaraso n'inkingo byihutirwa byagize uruhare mu kugabanya imfu z'ababyeyi ku kigero cya 51%.



Imbangukiragutabara zikubye hafi kabiri

**Gukurikirana no kwirinda indwara z'ibyorezo**

Habayeho guhangana n'ibyorezo birimo Covid-19, Marburg, Kolera n'iseru binyuze mu bufatanye bw'inzego. Gutahura indwara hakiri kare no gufata ingamba zihuriweho, kuri Covid-19 byagabanyije ingaruka zayo kuko hakurikiranwaga abanduye, abahuye na bo no gukingira.

Kubera imihindagurikire y'ibihe Guverinoma izakomeza guteza imbere ikoreshwa ry'ikoranabuhanga harimo n'Ubwenge Muntu Buhangano (AI). Hanatangijwe gahunda yo kubaka inganda zikora ibikoreshwa mu rwego rw'ubuvuzi, urukora inshinge rwatangiye mu 2024, kwagura uruganda rukora imiti (LABOPHAR) ruri mu Karere ka Huye, ruzajya rukora serumu rugatanga imirimo ku bantu barenga 300, inganda zikora inkingo n'ibindi.

Hari kubakwa ububiko bugezweho bw'imiti n'ibikoresho byo kwa muganga bizatuma Igihugu kizigama miliyoni 400 Frw buri mwaka. Hakomeje gushyirwa imbaraga mu kongera ubushobozi bwo kwiga indwara no gukora ubushakashatsi ku miti mishya, bikazagira u Rwanda igicumbi cy'ubuvuzi n'ubushakashatsi mu Karere mu rwego rw'ubuzima.

# Byinshi ku Nkoranyamuga y'Ikoranabuhanga ikungahaza Ikinyarwanda




Intebe y'Inteko, Amb. Robert Masozera yagaragaje ko hari abakoreshaga nabi Ikinyarwanda kubera kubura inyito zabugenewe mu Kinyarwanda

KAMALIZA Agnes

***Tariki ya 27 Werurwe 2026, Inteko y'Umuco yamuritse Inkoranyamuga y'Ikoranabuhanga mu Kinyarwanda, (ICT Terminological Dictionary in Ikinyarwanda), igamije gushyigikira gahunda yo gushyira Ikinyarwanda mu ikoranabuhanga.***

Ni Inkoranyamuga igizwe n'amapaji 274 n'amagambo 1 700; yanditswe mu gihe cy'imyaka itatu kuva mu mwaka wa 2023-2026.

Amwe mu magambo mashya wasangamo ni; Ingaragazamashusho cyangwa Mwerekana bizwi nka 'Srceen' mu Cyongereza, Mugabuzi bita 'Server' mu rurimi rw'Icyongereza, Intima cyangwa isanduku ya mudasobwa izwi nka 'Central Processing Unit/ CPU n'ayandi.

Inteko y'Umuco igaragaza ko iyo Nkoranyamuga yakozwe mu buryo bw'impapuro ariko ku bufatanye na Minisiteri y'Ikoranabuhanga na Inovasiyo (MINICT) igiye gushyirwa mu buryo bw'ikoranabuhanga ku buryo buri wese yayibona kuri murandasi.

Igaragaza ko ayo magambo yacuzwe mu rwego rwo gukungahaza ururimi rw'Ikinyarwanda no gufasha Abanyarwanda kubona amagambo y'Ikinyarwanda bakoresha mu rwego rw'ikoranabuhanga.

Intebe y'Inteko, Amb. Robert Masozera agaragaza ko nyuma yuko bigaragaye ko abantu bakoresha nabi Ikinyarwanda hakozwe ubushakashatsi hagamijwe kureba impamvu; basanga imwe muri zo ari uko hari ababura amagambo yabugenewe y'Ikinyarwanda.

Yagize ati: "Ubushakashatsi bwatugaragarije ko imwe mu mpamvu Abanyarwanda badakoresha neza Ikinyarwanda bavanga indimi, ari uko babura amagambo yabugenewe cyane cyane mu magambo ajyanye n'iterambere harimo n'ikoranabuhanga."

Bamwe mu bagize uruhare mu icurwa ry'ayo magambo bagaragaza ko yacuzwe hashingiwe ku miterere iba isanzwe y'ikintu kigiye gucurwa cyangwa icyo byenda gusa ubundi kigashyirwa mu Kinyarwanda.

Habumuremyi Emmanuel, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ishyirahamwe ry'Abanyamakuru mu Rwanda (ARJ) wagize uruhare mu kuyacura yagize ati: "Iyo ucura ijambo ureba imiterere y'ikintu kivugwa, ahantu gikunda gukoreshwa cyangwa ikintu bijya gusa; noneho iryo jambo ukarishaka mu rurimi rwawe ukarizana akaba ari ryo ushyira hariya."

Umunyamabanga Uhoraho muri MINICT, Rurangwa Eraste ashimangira ko Inkoranyamuga ije ikenewe kandi igiye no gushyirwa mu buryo bw'ikoranabuhanga kugira ngo igere kuri benshi.

Ati: "Ni uburyo bwiza bwo kujya tubona ibisubizo biboneye mu rurimi rwacu ku buryo umuntu utazi Icyongereza cyangwa Igifaransa azajya abona ibisubizo. Igiye gushyirwa mu buryo bw'ikoranabuhanga ku buryo n'umuntu ufite igitekerezo ashobora kugitanga kugira ngo kinozwe."

Iradukunda yongeyeho ko bagiye gukora ubukangurambaga n'izindi nzego kugira ngo igera kuri bose kandi ko izagenda igaburirwa ku buryo n'andi magambo mashya azavuka azongerwamo.

Mu gukora ubushakashatsi bwo kwandika inkoranyamuga y'ikoranabuhanga, hakaba haribanzwe ku muga (amagambo) akoreshwa cyane mu Rwanda n'inzego z'imirimo ziha serivisi Abanyarwanda.

Andi yitaweho ni agaragara ko azakenerwa n'Umunyarwanda uwo ari we wese, bitari ngombwa ko ari inzobere mu ikoranabuhanga ariko akaba yamufasha kwiyungura ubwenge n'ubumenyi mu ikoranabuhanga.



Hari inoti zimwe biteganyijwe ko zizaba zitagioreshwa mu gihe cy'umwaka

# BNR igiye gukura ku isoko zimwe mu noti z'amafaranga y'u Rwanda

ZIGAMA Theoneste

***Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR) yatangaje ko inoti zimwe z'amafaranga y'u Rwanda zizahagarikwa gukoreshwa nk'amafaranga yemewe mu gihugu mu gihe cy'amezi 12 ari imbere. Ibi bikurikira iteka rya Perezida ryashyizweho ku wa 27 Gashyantare uyu mwaka, riteganya gukuraho agaciro k'amoko amwe y'inoti zari zisanzwe zikoreshwa.***

Mu itangazo ryashyizwe ahagaragara ku wa 24 Werurwe, Banki Nkuru y'u Rwanda yavuze ko izo noti zitazongera kwemerwa nk'uburyo bwo kwishyura nyuma y'amezi 12 uhereye ku wa 2 Werurwe, ari wo munsi iteka ryatangarijwe mu Igazeti ya Leta.

Inoti zizagirwaho ingaruka ni iza 500 Frw zakozwe mu mwaka wa 2004 na 2013, iza 1 000 Frw zakozwe mu 2004 na 2015, iza 2 000 Frw zo mu 2007, ndetse n'iza 5 000 Frw zakozwe mu 2004 na 2009.

**Banki Nkuru yasabye abafite izo noti kuzihinduranya mu gihe cyagenwe kugira ngo birinde ibibazo**

Abazifite bashobora kujya kuzihindura muri banki z'ubucuruzi n'amashami ya Umwalimu SACCO hirya no hino mu gihugu mu gihe cy'amezi icyenda ari imbere uhereye ku wa 2 Werurwe 2026 kugeza ku wa 1 Ugushyingo 2026.

Nyuma y'icyo gihe, izo noti zizajya zihindurirwa gusa ku cyicaro gikuru cya Banki Nkuru y'u Rwanda kiri mu Kiyovu mu Mujyi wa Kigali no ku mashami yayo.





# Ngororero - Nyange: Barishimira ivuriro bubakiwe ryagabanyije kubyarira mu rugo



Inyubako nshya y'ikigo nderabuzima cya Nyange B cyatumye ababyeyi babyarira kwa muganga

HABIMANA Eric

***Ababyeyi batuye mu Murenge wa Nyange n'inkengero zawo mu Karere ka Ngororero baravuga ko ubuzima bwabo n'ubw'impinja zabo bwahindutse ku buryo bugaragara, nyuma yo kubakirwa Ikigo Nderabuzima cya Nyange B kigezweho cyaborohereje kubona serivisi zo kubyara no kwitabwaho neza.***

Bamwe mu babyeyi bavuga ko mu gihe cyashize, bahuraga n'imbogamizi zitandukanye zirimo kubura aho basuzumirwa, aho babyarira ndetse n'aho baruhukira nyuma yo kubyara, bikabatera gufata umwanzuro wo kubyarira mu rugo, bikaba byabashyira mu kaga.

Ubuyobozi bw'Akarere bugaragaza ko mu 2024 ababyeyi 9 babyariye mu rugo, naho mu 2025 ari 1 wabyariye mu rugo.

Bizumutima Monique, utuye mu Kagari ka Gaseke, avuga ko mbere ubuzima bw'umubyeyi utwite bwari bugoye cyane kuko batabonaga uko bahabwa serivisi inoze bitewe no kuba ntaho kuyibahera hari hahari kuri iki kigo.

Ati: *"Mbere twatinyaga kuza hano kuko nta hantu heza ho gusuzumirwa cyangwa kubyarira habagaho, ibi byatumaga ababyeyi benshi bahitamo kubyarira mu rugo nubwo byari bibi."*

Uyu mubyeyi ashimangira ko ubu ibintu byahindutse, aho ababyeyi basigaye bagana ivuriro bizeye kwakirwa neza no guhabwa ubufasha bukenewe. Nsabimana Helene, umwe mu babyeyi baherutse kuhabyarira, avuga ko impinduka zabaye ari igisubizo ku buzima bw'abagore batwite. Ati: *"Ubu iyo ugeze hano wakirwa neza, ukitabwaho kandi ugahabwa aho kubyarira hasukuye kandi hizewe, ntitukigira impungenge ngo tubyarire mu rugo."*

Ababyeyi bavuga ko kuba barabonye aho babyarira heza byabongereye icyizere ku buzima bwabo n'ubw'abana babo, kuko mbere hari ababyariraga mu ngo badafite ubufasha bw'abaganga, bigatuma hari abahura n'ibibazo bikomeye by'ubuzima.

Mukeshayezu Christine, umubyaza akaba n'umuyobozi wungirije w'ikigo nderabuzima cya Nyange, avuga ko gushyira imbere ubuzima bw'umubyeyi n'umwana ari byo byatumye hashyirwaho uburyo buhamye bwo kubitaho. Ati: *"Ubu dufite aho kwakirira ababyeyi batwite, aho babyarira ndetse n'aho baruhukira nyuma yo kubyara, ibi byatumye ababyeyi bagana ivuriro biyongera aho kubyarira mu ngo."*

Umuyobozi w'Akarere ka Ngororero Nkusi Christophe agaragaza ko mu 2024 ababyeyi 9 babyariye mu rugo, mu gihe mu 2025 hasigaye umubyeyi umwe gusa wabyariye mu rugo, bigaragaza impinduka ikomeye mu myitwarire no mu kubona serivisi z'ubuvuzi. Uyu muyobozi kandi akomeza agaragaza ko mu 2024 icyo kigo cyakiriye abarwayi 38,581, mu gihe mu 2025, nyuma yo kuvugururwa, hakiriwe abageze kuri 46,832.

Nubwo bimeze bityo ariko, haracyari imbogamizi zirimo ubuke bw'abaganga b'inzobere, cyane cyane mu bijyanye no kuvura amenyo n'amaso, gusa ubuyobozi bw'Akarere buvuga ko buri gushaka ibisubizo birambye kuri ibyo bibazo.

Ikigo Nderabuzima cya Nyange B cyuzuye gitwaye asaga miliyoni 532 z'amafaranga y'u Rwanda, kikaba gikomeje gufasha ababyeyi kwirinda ibyago byo kubyarira mu rugo, bityo kikaba igisubizo kirambye ku buzima bw'umubyeyi n'umwana.

BAHUWIYONGERA Sylvestre

# Karongi: Umubiri w'uwazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 wabonetse mu murima

***Ubwo Nzabamwita Emmanuel w'imyaka 45, yahingaga ibijumba mu murima wa Mujawamariya Jeanne d'Arc warokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, mu Mudugudu wa Gafuruguto, Akagari ka Gasura, Umurenge wa Bwishyura, Akarere ka Karongi, yakubise isuka abona umubiri w'uwazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Bwishyura, Songa Nsengiyumva Rwandekwe, yabwiye Imvaho Nshya ko Nzabamwita akiwubona, yatanze amakuru, komite ya Ibuka ku rwego rw'Akagari ka Gasura ikurikwe n'uhagarariye Ibuka muri ako Kagari Mutemberezi John, unacunga imitungo y'uyu Mujawamariya Jeanne d'Arc uba i Kigali, nyuma yo gusangira amakuru, bemeza ko ari uwishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ati: "Hari hasanzwe hahingwa ariko basa n'abaharura kuko ibijumba bitahahingwaga. Uwabitabiraga rero yahingaga akora amabimba, arawubona, atanga amakuru yakusanyijwe hakemezwa ko uwo mubiri ari uw'uwazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, kuko aho ari munsi y'urugo rw'ahari hahungiye Abatutsi benshi barahicirwa, hakaba hari n'undi mubiri wigeze kuhaboneka."

Yavuze ko wahise ujyanwa mu rwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 rwa Gatwaro, aho biteganyijwe ko hamwe n'indi mibiri yabonetse, izashyingurwa mu cyubahiro mu gihe cyo Kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Uhagarariye Ibuka wungirije mu Karere ka Karongi, Ntukanyagwe Laurent, yabwiye Imvaho Nshya ko ayo makuru bayamenye kandi ko bibabaje cyane kuba mu myaka 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ibaye, imibiri y'Abatutsi bishwe ikiboneka bahinga, hakorwa ibikorwa remezo, izanwa n'isuri n'ibindi kandi barishwe hari abaturage bari bahari.




Umubiri w'uwazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 wabonetse mu murima, mu Murenge wa Bwishyura, mu Karere ka Karongi

Ati: "Hari abatarumva neza gahunda ya Leta y'ubumwe, ubwiyunge n'ubudaheranwa, bakibitse amakuru y'ahari imibiri y'Abatutsi bishwe muri Jenoside, badashaka kuyatanga. Ntibyumvikana uburyo Abatutsi bishwe ku manywa y'ihangu, hari ababica n'abarebera, ntibatange amakuru y'ahari imibiri itaraboneka, ikabonwa nk'uko n'abahinga."

Yongeye gusaba abafite amakuru y'ahajugunywe imibiri itaraboneka n'ubu ngo ishyingurwe mu cyubahiro kuyatanga bakaruhura abarokotse, kuko imyaka 32 umuntu atarashyingura uwe mu cyubahiro, hari ufite ayo makuru ayacecetse, bikomeza gushengura abarokotse.

Kugeza ubu mu rwibutso rwa Jenoside rwa Gatarwaro hari imibiri 88 yabonetse mu buryo nk'ubwo, bahinga, hakorwa ibindi bikorwa remezo cyangwa mu bundi buryo, iri gutunganywa ngo izashyingurwe mu cyubahiro ku itariki izagenwa n'ababishinzwe mu gihe cyo Kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

# Nyagatare: Ikigega cya miliyoni 22 Frw kibika amazi y'imvura cyaruhuye ishuri



**Hubatswe uburyo bugezweho bwo gusukura amazi akagira ubuziranenge**

**HITIMANA Servand**

***Ubuyobozi n'abanyeshuri bo ku Rwunge rw'Amashuri rwa Karushunga mu Karere ka Nyagatare, baravuga imyato ikigega cyo mu butaka cya metero kibe 90 bubakiwe, gifata amazi y'imvura kikagira n'ikoranabuhanga ryo kuyayungurura, cyuzuye gutwaye akayabo ka miliyoni zisaga 22 z'amafaranga y'u Rwanda.***

Icyo kigega cyubatswe muri iryo shuri riherereye mu Murenge wa Rwimiyaga, ni kimwe mu bigega bitatu biteganyijwe mu Mirenge ya Rwempasha, Rwimiyaga na Karangazi byateganyijwe kubakwa muri uyu mwaka w'ingengo y'imari wa 2025-2026, bikuzura bitwaye miliyoni 67 z'amafaranga y'u Rwanda.

Iki kigega cyo mu butaka, bavuga ko kibaha amazi mu buryo buhoraho, kikaba cyarabaruhuye ingendo bakoraga bajya kuvoma amazi yanduye mu Mugezi w'Akagera utandukanya u Rwanda na Tanzania.

Iri shuri rifite icyiciro cy'amashuri abanza n'icy'ayisumbuye riherereye nko mu kilometero kimwe uvuye ku mugezi w'Akagera, akaba ari ahantu hataragera ibikorwa remezo nk'amazi n'umuriro w'amashanyarazi kuko hahoze ari kimwe mu bice bya Pariki y'Igihugu y'Akagera.

Tuyisenge De la Croix ushinzwe amasomo muri iri shuri avuga ko imwe mu mbogamizi bagiraga ari iyo kubona amazi ahagije yo gutekera abanyeshuri, ayo gukora amasuku n'ibindi.

Agira ati: "Twagorwaga n 'ikibazo cy'amazi.Urabona inaha nta muyoboro w'amazi twagiraga uhagera, gushaka amazi kwari ukuyakura kure ubundi tugakoresha ay'Akagera. Ntabwo yari meza yemwe no kuba tutayafite mu kigo yatubanaga make bikatugiraho ingaruka ku kwita ku isuku."

Akomeza avuga ko kuri ubu ikigega bubakiwe cyo mu butaka cyabafashije kugira amazi ahoraho.

Ati: "Uyu munsi turi mu bisubizo. Ubuyobozi bwatwubakiye ikigega gifata amazi yose aturuka kuri izi nyubako gishyirwaho imashini iyungurura ndetse igashyiramo imiti iyasukura, ku buryo hazamuka amazi meza yapimwe bigaragara ko afite ubuziranenge. Ubu ntitujya tubura amazi."

Ati: "Bidufasha kudatanga ikiguzi cyo kujya gushaka amazi kure, bidufasha mu gukorera isuku ku gihe ikindi nko mu gihe cy'izuba abana bashoboraga gucika bajya gushaka amazi yo kunywa bakaba bagira n'impanuka ariko ubu byose ni hano mu kigo."

Aya mazi kandi yishimiwe n'abanyeshuri biga muri iri shuri. Mutoni Alia agira ati: "Aya mazi yaradufashije cyane nko mu masuku. Ubu nkatwe abakobwa tugira icyumba cy'umukobwa, ariko hari igihe cyasaga n'aho nta mumaro kubera kutagira amazi, ugasanga umwana ugize ikibazo barazana amazi mu gikombe nayo kuyabona ari intambara. Ariko ubu harimo ibikoresho, amazi ahagije, nta kibazo tugifite."

Hakizimana Emmy na we yagize ati: "Turabona amazi hafi. Hari igihe byababaga ngombwa ko buri mwana azana amazi mu gacupa kugira ngo baze kudutekera. Reba kujya kuyavoma rero byatwaraga umwanya bikabangamira amasomo ariko ubu ibintu bimeze neza cyane."

Umuyobozi wungirije w'Akarere ka Nyagatare ushinzwe Imibereho myiza y'Abaturage, Murekatete Juliet avuga ko iyi gahunda yo kugeza amazi ku mashuri atayagiraga iri mu mihigo y'Akarere hagamijwe kuvanaho inzitizi zabangamira gutanga uburezi bufite ireme.

Ati: "Ni gahunda dufite mu mihigo yo gufasha amashuri yacu mu bice bitoroherwa no kubona amazi, aho tububakira ibigega binini bibaha amazi ahagije. Ibi biratuma havaho zimwe mu mbogamozi zabangamiraga imyigire y'umwana. Ikindi ni uko dusaba aho dushyira ibikorwa remezo nk'ibi kubibungabunga bikazaramba."

Urwunge rw'Amashuri rwa Karushuga rufite abanyeshuri 1 306 biga bataha iwabo.



**Abatuye mu Karere ka Burera bifuza ko bakubakirwa ibitaro bitanga serivisi rusange**

# Burera: Bifuza ibitaro bitanga serivisi rusange ku barwayi

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Nubwo mu Karere ka Burera hubatswe Ibitaro Mpuzamahanga bivura indwara za kanseri, abaturage baracyagaragaza ko bakeneye cyane ibitaro bitanga serivisi rusange zibegereye, zibafasha kwivuza indwara zisanzwe badakoze ingendo ndende zibagora.***

Abatuye mu Mirenge ya Kinyababa na Gitovu, bavuga ko kubura ibitaro by'Akarere bibegereye bibateza ibibazo bikomeye, cyane cyane igihe barwaye cyangwa barwaje indembe.

Umwe mu baturage bo mu Murenge wa Kinyababa, Tumushimire Eudes yagize ati: "Turishimira ko hari ibitaro bivura kanseri, ariko twe dukeneye aho tuvuriza indwara zisanzwe. Iyo umuntu arwaye nijoro, bisaba gutegereza imbangukiragutabara, igatwara umurwayi imujyana ku Bitaro bya Byumba cyangwa ibya Ruhengeri. Hari igihe umurwayi agerayo arembye cyane, cyangwa akagwa mu nzira."

Muhirwa wo mu Murenge wa Gitovu, na we yavuze ko ingendo ndende zibagora cyane, ati: "Guherekeza umurwayi ujya i Byumba cyangwa mu Ruhengeri ugiye kumurwaza birahenze kandi birananiza cyane. Hari igihe umurwayi agenda ameze nabi, natwe tukamugeraho twananiwe. Ibyo bituma bamwe batinda kujya kwivuza."

Abaturage bagaragaza ko iyo abarwayi bajyanywe ku Bitaro bya Byumba cyangwa ibya Ruhengeri, bahura n'ingorane zirimo gutinda kwakirwa kubera ubwinshi bw'abarwayi, kubura aho abarwaza barara, ndetse n'igiciro cy'ingendo kiba kinini.

Umuyobozi w'Akarere ka Burera, Mukamana Solina, yavuze ko icyo kibazo bakizi kandi hari gahunda yo kubaka ibitaro bitanga serivisi rusange, ariko hakaba hari imbogamizi zagaragaye mu ntangiriro.

Yagize ati: "Iki kibazo twakimenye kare. Imbogamizi yari ihari ni ukubona no kwemeza igishushanyombonera kigaragaza aho ibitaro bizubakwa n'uko bizakorwa. Ubu ibyo biri kugenda bikemuka, kandi dufite icyizere ko abaturage bazabona ibitaro bibegereye, kuko igishushanyombonera cyarabonetse gisigaye kwemezwa burundu."

Abaturage bo mu Karere ka Burera bakomeje gusaba ko iyi gahunda yihutishwa, bakabona ibitaro byabafasha kwivuza indwara zisanzwe hafi yabo, bityo bakagabanya ingendo ndende zibashyira mu kaga, cyane cyane mu bihe by'uburwayi bukomeye.





# RAB yeretse abahinzi n'abatubuzi imbuto y'ibigori yihanganira nkongwa idasanzwe

**BYUKUSENGE Annonciata**

***Abahinzi, abatubuzi n'abacuruzi b'imbuto y'ibigori, ku nshuro ya mbere bamurikiwe ubwoko bushya bwihanganira nkongwa idasanzwe. Iyi mbuto ntikeneye gukorerwa umuti kuko yongerewe imbaraga hifashishijwe ikoranabuhanga ryo guhindura uturemangingo.***

Ubushakashatsi ku mbuto y'ibigori byongerewe ubushobozi, ibizwi ku izina rya Genetically Modified Organism (GMO), mu rurimi rw'Icyongereza, bwakozwe n'abashakashatsi bo mu Kigo cy'Igihugu cyita ku Buhinzi n'Ubworozi RAB. Abakoze ku bushakashatsi bw'ibi bigori bavuga ko uretse kwihanganira nkongwa idasanzwe, ibi bigori binihanganira imihindagurikire y'ibihe.



**Uzamukunda Yukunda, umuhinzi w'ibigori mu Karere ka Muhanga yizeye ko iyo mbuto yongerewe ubushobozi izabaha umusaruro mwiza**

Dr. Nyombayire Alphonse, ni umushakashatsi muri RAB, ukora ubushakashatsi ku gihingwa cy'ibigori, akaba ari na we wakoze ubushakashatsi ku mbuto y'ibigori byongerewe ubushobozi. Avuga ko kuva mu mwaka wa 2016 nkongwa idasanzwe yagaragara mu Rwanda, umusaruro w'ibigori wagabanyutse, akaba ari imwe mu mpamvu zatumye ubu bushakashatsi bwibanda ku mbuto yihanganira nkongwa idasanzwe.



**Dr. Athanase Nduwumuremyi ukuriye ubushakashatsi bw'ibihingwa bya GMO na Dr. Nyombayire Alphonse wakoze ubushakashatsi bw'imbuto y'ibigori byihanganira imihindagurikire y'ibihe**

Ati: "Twakoze ubushakashatsi ku mbuto 12 z'ibigori. Ubushakashatsi bwararangiye turabitera, birimo gukura kandi neza. Mu kubitera twabivanze n'imbuto y'ibigori dusanzwe duhinga hano iwacu mu Rwanda, izwi ku izina rya RHM 1,407. Twaziteye mu murima umwe, igihe kimwe, kugira ngo tubone itandukaniro ry'imyitwarire yabyo mu bihe bitandukanye, ariko ziri kumwe."

Akomeza avuga ko iki gihembwe cy'ihinga ari bwo bwa mbere bahinze ibi bigori, bikazakomeza guhingwa no mu bindi bihembwe kugira ngo harebwe uko byitwara.

**Abahinzi abatubuzi n'abacuruzi b'imbuto y'ibigori babyakiriye gute?**

Uzamukunda Yukunda, ni umuhinzi w'ibigori mu Karere ka Muhanga, uvuga ko ikibazo cya nkongwa idasanzwe ari ikibazo cyugarije abahinzi b'ibigori muri rusange muri ako karere.

Ati: "Mba muri koperative y'abahinzi b'ibigori ikorera mu Murenge wa Nyamabuye. Uretse ibiza bituruka ku zuba cyangwa imvura bishobora kwibasira ibigori, ariko nkongwa yo mu bihe byose iba iri mu bigori nubwo nta biza byaba bihari. Twishimiye ko iyi mbuto nshya y'ibigori yongerewe ubushobozi izaduha umusaruro uhagije kuko batubwiye ko yera vuba kandi ikaba yihanganira n'imihindagurikire y'ibihe."

Umuyobozi w'ishyirahamwe ry'abatubuzi n'abacuruzi b'imbuto y'ibigori mu Rwanda, Iribagiza Rwema Alice, avuga ko iyi mbuto yihanganira nkongwa idasanzwe ije ari igisubizo kandi ko izakemura ibibazo bitandukanye bivugwa ku gihingwa cy'ibigori harimo no kugurisha abahinzi imbuto zitujuje ubuziranenge.

Ati: "Twajyaga duhura n'ikibazo cy'uko hari abatubuzi baha abahinzi imbuto y'ibigori ifite ibibazo harimo iyo babaha ibigori bigakura ariko ntibiheke, abandi bagatanga ibiheka ariko bikagira intete nke ku gitiritiri. Ibi byose bigiye gukemuka kuko iyi mbuto izajya ituburwa ikanagurishwa n'abantu bazwi."

Umushakashatsi muri RAB, ishami ry'ibinyabijumba, akaba ari Umuhuzabikorwa w'ubushakashatsi bw'ibihingwa hifashishishijwe ikoranabuhanga, Dr. Nduwumuremyi Athanase avuga ko nyuma y'imbuto y'imyumbati yongerewe ubushobozi, ikaba izahabwa abahinzi mu minsi ya vuba kuko n'umusaruro wayo wamaze gusogongerwaho, kimwe n'imbuto y'ibirayi na yo yongerewe ubushobozi ndetse ikaba yarasogongewe, ubu hategerejwe imbuto y'ibigori.

Ati: "Turishimira intambwe imaze guterwa mu gukoresha ikoranabuhanga mu buhinzi, kuko birimo gutanga icyizere cy'igihe kizaza. Ibi bigori biri ku rwego rwa mbere kuko ni inshuro ya mbere tubiteye kandi biba bigomba guhingwa mu bihembwe by'ihinga bitandukanye. Turizera ko tuzabona itandukaniro nubwo bihinganye n'ibindi ngo turebe imyitwarire yabyo."

Akomeza avuga ko mu kwita kuri ibyo bigori mu buryo bungana, ari ukugira ngo babone itandukaniro ry'uko imbuto y'ibigori isanzwe ihingwa yihanganira nkongwa idasanzwe ndetse nuko iyi mbuto nshya yongerewe ubushobozi yihanganira nkongwa idasanzwe.

Ati: "Twafashe uturemangingo twa nkongwa tudushyira mu kigori kugira ngo kongwa itabasha kurya ikigori. Mu kubihinga nabwo twabiteye mu murima umwe, kandi niyo urebesheje ijisho ubona bitandukanye. Ibyo dusanzwe duhinga byafashwe na nkongwa, ariko ibi bishya nta nkongwa yabikozeho."

Aya moko 12 y'imbuto y'ibigori harimo ifite izina rya WE2295B, WE2250B, WE8206B. Zihinze kuri site 5 mu Turere twa Rusizi, Musanze, Huye na Nyagatare ifite site ebyiri. Igihe izi mbuto zizaba zimaze gukorerwa igeragezwa, zizashyikirizwa Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubugenzuzi no Kurengera Umuguzi, kugira ngo kigenzure niba iyi mbuto yujuje ubuziranenge, yemezwe ijya ku rutonde rw'imbuto zemewe, ibone gushyikirizwa abahinzi.

Ibihingwa byongerewe ubushobozi ntabwo ari u Rwanda rubihinze bwa mbere, kuko hashize imyaka irenga 40 ibi bihingwa bya GMO bikoreshwa muri Amerika. Ahandi babihinga ni mu Bushinwa n'u Buhinde ku mugabane wa Aziya. Muri Afurika, GMO yakorewe igeragezwa inakoreshwa muri Kenya, Tanzania, Nigeria, Uganda, Ethiopia, Burkina Faso, Ghana. Mu Rwanda ibi bihingwa na byo bikaba bigiye gutangira gukoreshwa, igihe bizaba bimaze kwemezwa nk'imbuto yemewe mu Rwanda.

Guverinoma y'u Rwanda yemeje inasohora itegeko ryo gukoresha ibihingwa byahinduriwe uturemangingo, ubuziranenge, urusobe rw'ibinyabuzima no kurengera ibidukikije mu mwaka wa 2024. Iri tegeko ryasohotse mu Igazeti ya Leta N° Idasanzwe yo ku wa 21 Gashyantare 2024.



**Ubu ni bumwe mu bwoko bw'ibigori byongerewe ubushobozi**

# Kayonza: Ubucuruzi bwa lisansi mu ngo no mu maduka buteye impungenge

NGABOYABAHIZI PROTAIS

***Bamwe mu baturage bo mu Karere ka Kayonza bavuga ko bahangayikishijwe n'ubucuruzi bwa lisansi bukorerwa mu maduka no mu ngo, bavuga ko bushobora guteza inkongi y'umuriro ikangiza ubuzima n'imitungo.***

Ni ikibazo kigaragara cyane mu Murenge wa Mwiri, by'umwihariko muri santere y'ubucuruzi ya Gasarabwayi, aho bamwe mu bacuruzi bafata lisansi bakayigurisha mu buryo butemewe, bayibika mu macupa cyangwa mu bidomoro biri mu maduka cyangwa mu ngo.

Abaturage bavuga ko nubwo abo bacuruzi baba bashaka inyungu, ibikorwa byabo byashyira ubuzima bw'abantu mu kaga. Impamvu nyamukuru babishingiraho ni uko muri utwo duce haba hatari sitasiyo za lisansi zegereye abaturage,



Muri santere ya Gasarabwayi bacururiza lisansi mu maduka

bigatuma bamwe bahitamo kuyicuruza mu buryo bworoshye kugira ngo babone abakiliya benshi, cyane cyane abamotari.

Umwe mu bamotari wahawe izina rya Saidi ukorera muri aka gace yagize ati: "Biradufasha kubona lisansi hafi, ariko nanone tukagira impungenge kuko aho bayibika si ahantu hatekanye. Haramutse habaye ikintu gito cy'umuriro, byahita bifata ubukana."

Undi mumotari wahawe izina rya Muvandimwe na we yemeza ko nubwo biborohereza, hari impungenge zikomeye baba bafite. Ati: "Twifuza ko habaho sitasiyo zegerejwe abaturage, kuko kugura lisansi mu maduka bidutera ubwoba ko ishobora guteza inkongi."

Abacuruzi bafite amaduka muri ako gace na bo bagaragaza impungenge z'uko bashobora kuzahura n'ibihombo bikomeye mu gihe habaye impanuka.

Umwe muri bo wahawe izina rya Murekeyisoni yagize ati: "Twahomba cyane mu gihe lisansi yafata umuriro, kuko ishobora gutwika amaduka yacu n'ibicuruzwa byacu."

Undi mucuruzi wahawe izina rya Ndengeyingoma yongeyeho ati: "Duhora mu bwoba kuko hari n'abayibika mu buryo budakurikije amategeko. Iyo inkongi itangiye, ntiyareba uwacuruje lisansi gusa, ahubwo ifata n'abandi."

Umuyobozi wungirije w'Akarere ka Kayonza, Higiro Jules, yemera ko ikibazo cy'aho sitasiyo za lisansi zitagera hose gihari, ariko agashimangira ko bidakwiye gutuma lisansi icururizwa mu ngo cyangwa mu maduka.

Yagize ati: "Ni byo koko sitasiyo za lisansi ntizabasha kugera hose icyarimwe, ariko si byiza ko abaturage bafata lisansi bakayicuruza mu ngo. Ibyo bishobora guteza impanuka zikomeye z'inkongi y'umuriro."

Yakomeje asaba abafite ibinyabiziga bose kujya bagurira lisansi n'andi mavuta yabyo ahabigenewe, anihanangiriza abaturage kwirinda ubucuruzi bwa lisansi butemewe.

Yagize ati: "Turasaba abaturage kudakorera ubucuruzi bwa lisansi mu ngo cyangwa mu maduka, kuko bishobora gushyira ubuzima bwabo n'imitungo yabo mu kaga, inkongi y'umuriro ishobora kwibasira inzu n'ibicuruzwa."

Abaturage basanga hakwiye gufatwa ingamba zirimo kongera sitasiyo zegerezwa abaturage no gukaza ubugenzuzi, kugira ngo hirindwe impanuka zishobora guteza ibihombo n'akaga ku baturage.

# Rubavu: Abanyarwanda bagera kuri 222 batahutse bavuye mu mashyamba ya Congo

NDOLI Sitio

***Ku wa Kane, tariki ya 26 Werurwe 2026, Abanyarwanda 222 bamaze gutahuka bavuye mu mashyamba ya Repebulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), baciye ku mupaka La Corniche uhuza u Rwanda na RDC.***

Muri abo batashye harimo abana 149, abagore 58, ndetse n'abagabo 15, bamwe muri bo bavuga ko bari babayeho mu buzima bushaririye ariko bakaba bishimira ko bagarutse mu Rwababyaye. Abo Banyarwanda bakaba batashye mu masaha ya saa yine banyuze ku mupaka munini wa La Corniche uhuza u Rwanda na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo.

Bamwe mu batashye bavuga ko batari bafite amakuru ahagije kuko hari ababa bababwira ko mu Rwanda nta mutekano uhari, icyakora bavuga ko kuri ubu biboneye ko babeshywaga kubera uburyo bakiriwemo.

Umwe muri bo yagize ati: "Batubwiraga ko abantu batashye baba badafite umutekano, batabaho, ubwo tugahora gutyo ndetse no kuva mu bandi bikaba bigoye kugira ngo ushobore kuba wagera kure yabo, ubone abaguha amakuru nyayo gusa dusanze bitandukanye cyane. Batwakiriye neza cyane."

Undi yagize ati: "Amagambo y'abantu aca intege ngo dore urashaje waje uri umukobwa usaziye muri Congo. Ese urwo Rwanda urarujyamo, mbega u Rwanda turumva nta kigenda, shobora ugume hano muri Congo, ibyo bikansha intege, none reba uburyo batwakiriye, icyo nasaba bagenzi banjye nuko na bo bataha batagendeye ku binyoma abandi bahora bakwirakwiza."

Umuyobozi w'Akarere ka Rubavu wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Nzabonimpa Deogratias yavuze ko icya mbere ari ukwishimira ko aba Banyarwanda batashye kuko zari imbaraga ziri gupfa ubusa. Ati: "Icya mbere twishimiye kwakira abaturage bacu batashye mu gihugu cyabo, ni umunezero kuko ni imbaraga z'igihugu zari hanze kandi zipfa ubusa ndetse zibayeho nabi."

Yunzemo ati: "Ni ukubamara impungenge bafite kuko hari ababashukaga, bafite ubutumwa burimo ibinyoma bwiganjemo kubafata bugwate bigatuma badataha mu gihugu cyabo. Kwari ukubahumuriza no kubabwira ko Umunyarwanda afite ijambo." Yavuze kandi ko igishimishije ari uko abatashye harimo umubare munini w'abagabo nyamara mu bihe bishize abana ari bo bari benshi.



Abatashye bavuga ko batari bafite amakuru ahagije ku mutekano uganje mu Rwanda

Abatashye babanza kunyuzwa mu nkambi y'agateganyo ya Nyarushishi mu Karere ka Rusizi, bakabanza kwigishwa indangagaciro ndetse bagahabwa ibyangombwa n'amafaranga azabafasha mu buzima bwa buri munsi ubunndi bakoherezwa aho bavuka. Guhera mu 2021 abarenga ibihumbi 11 bamaze gutaha bavuye mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo.





# Nyagatare: Kwegerezwa amazi meza byabarinze amakimbirane mu miryango

HITIMANA Servand

***Bamwe mu baturage bo mu Murenge wa Karama mu Karere ka Nyagatare bavuga kugerwaho n'ibikorwa remezo by'amazi byabaruhuye ingendo ndende bakoraga bajya kuyashaka ndetse birinda amakimbirane y'abashakanye mu miryango yakururwaga n'ibura ryayo.***

Abaturage bagaragaje ko bishimira kuba barabonye amazi meza aho baciye ukubiri n'imvune bagiraga bajya kuvoma kure, akenshi byakorwaga n'abagore, uwo mwanya munini bakoreshaga ugatuma bagirana amakimbirane n'abo bashakanye.

Kabatsi Gerard agira ati: "Akenshi umugabo icyo yitagaho ni ukubona amazi mu rugo nta kindi. Imirimo igakorwa ariko ntiyite ku ho abagore cyangwa abana bajya kuyavoma.

Iyo yaburaga habuze ujyayo kubera umwanya wabaye muke cyangwa hakozwe byinshi ayavomwe akaba make, byatezaga intugunda mu miryango yewe abagore bamwe bakahakubitirwa."

"Uyu munsi ariko byarahindutse aho twishimira ko amazi yageze hafi yacu ndetse abenshi tuyageza no mu ngo. Ubu nta ntonganya zaturuka ku ibura ry'amazi kuko yaba umwana yayakura kuri robine arayaguhereza cyangwa nawe ukayiha."

Hari abavuga ko byabarinze ingendo ndende no gukoresha ayanduye. Mukazitoni Antoinette yagize ati: "Tutarabona amazi twaravunikaga aho twajyaga kuyakura i Nyabihara. Akenshi ariko twakoreshaga amazi mabi y'Umuvumba aho yashoboraga kudutera indwara nk'inzoka n'impiswi.

Akomeza agira ati: "Uyu munsi turashima ko twabonye amazi meza aho za robine ziri mu ngo, ibintu ubusanzwe byabaga mu mijyi. Kwegerezwa amazi byaturinze amakimbirane ndetse biri kudufasha mu kuzuzanya mu muryango. Uyu munsi na wa mugabo wavugaga ngo ntiyavoma batamuseka ubu nta rwitwazo kuko ayafite mu rugo."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare wungirije ushinzwe Iterambere ry'UUbukungu, Matsiko Gonzague asaba abaturage kwita ku bikorwa remezo by'amazi bagezwaho bibuka ko amazi ari ubuzima.

Ati: "Murabizi ko amazi ari ubuzima. Mu mihigo dufite harimo kuzamura ikigero cy'abaturage bagerwaho n'amazi meza. Ibi bijyane rero no kwita ku bikorwa by'amazi mwagejejweho, mukumire abashobora kubyangiza ndetse naho mwasanga amazi ari gupfa ubusa mubimenyeshe ababishinzwe. Amazi kandi akwiye gufasha abaturage bacu mu kwita ku isuku no kunoza imirire myiza."

Dukuzumuremyi Jean Bosco, Umukozi w'Umuryango Water Aid Rwanda usanzwe wita ku bikorwa byo kugeza amazi ku baturage, avuga ko uko amazi agenda agera ku baturage bikwiye no gufasha mu kwimakaza uburinganire n'ubwuzuzanye imiryango ikarangwa n'ituze.

Ati: "Byagaragaye ko mu gihe nta mazi abaturage bafite byagiraga ingaruka ku muryango ariko cyane cyane ku bagore akenshi baharirwaga inshingano zo kuyavoma. Izo mbogamizi zigenda zivaho rero bikwiye gufasha abagize umuryango kubona umwanya bagahuza, bakanafatanya cyane cyane mu igenamigambi."

Tariki ya 22 werurwe 2026 mu Karere ka Nyagatare hizihijwe umunsi mpuzamahanga wahariwe amazi. Ubuyobozi buvuga ko bumaze kugeza amazi meza ku baturage ku kigero cya 78%. Mu myaka itanu iri imbere biteganyijwe ko imishinga y'amazi y'Umuvumba na Ngoma izaba itanga metero kibe ibihumbi 62.



Kuba baregerejwe amazi biri mu byakemuye amakimbirane mu ngo

# Gicumbi: Bivanye mu bukene binyuze mu matsinda ya VUP yo kwizigamira

KWITONDA Clarisse

***Bamwe mu batuye mu Karere ka Gicumbi bibumbiye mu matsinda bagera ku 1 000 batoranyijwe mu Mirenge 10 kuri 21 igize ako Karere batangiye guhabwa inguzanyo bagaragaza ko yatangiye kubafasha kwiteza imbere binyuze muri gahunda ya VUP.***

Kabera Daniel utuye mu Murenge wa Kageyo yemeza ko kuri we yasezeye ku bukene we n'umuryango we nyuma yo guhabwa inguzanyo muri iyo gahunda akayungukira 2% mu myaka ibiri.Yagize ati: "Mu 2024 badusobanuriye igisabwa ngo umuntu abone amafaranga muri VUP, nakoze umushinga uremerwa mpabwa ayo mafaranga nyakoresha ibijyanye n'ubuhinzi kuko ari cyo nari nayasabiye, byamfashije kwishyurira abana amashuri, ntanga ubwisungane mu kwivuza, ndizigamira muri Ejo Heza, nknizigama mu Umurenge SACCO."

Mukasafari Jacqueline na we utuye mu Murenge wa Kageyo yemeza ko no kuba yari asanzwe mu itsinda na bagenzi



Kabera Daniel wahawe inguzanyo ikamuteza imbere akaba yararangije kwishyura

be, agahugurwa byonyine hari aho byamukuye naho bimugejeje, kuko yahuguwe uko bakoresha inguzanyo, akaba ari umunyamuryango wa Umurenge Sacco. Ati: "Kuba mu itsinda, ngahugurwa, byongereye ibiganiro mu muryango wanjye ubu njye n'umugabo dufite umushinga wo korora inkoko bityo tukagemura mu isoko ndetse n'abana bakabona igi muri gahunda yo kubarinda igwingira."

Umuyobozi w'Akarere ka Gicumbi wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Uwera Parfaite yagaragaje icyiza cyo kuba mu matsinda.

Ati: "Kwibumbira mu matsinda kwabo byadufashije muri gahunda yo kuvana umuturage mu bukene kuko Gicumbi mu 2022 hari abaturage bakennye mu ngo zigera ku 38 000 ariko binyuze muri aya matsinda, hamaze kugabanyuka 13,3%."

Yakomeje asobanura ko hari n'izindi gahunda zo kuvana abaturage mu bukene bafatanyamo n'abafatanyabikorwa bakabaherekeza muri uru rugendo babafashaguhindura imyumvire, kwishyura neza, bikanagabanya n'amakimbirane mu muryango.

Nyinawagaga Marie Claudine Umuyobozi Mukuru w' **Ikigo gishinzwe** gutera inkunga Ibikorwa by'Iterambere **mu** Nzego z'ibanze (LODA), yemeza ko muri gahunda ya Leta harimo kubafasha kwikura mu bukene binyuze mu kubashyigikira mu mishanga mito iciriritse.

Ati: "Ubundi iyo ubasanze muri aya matsinda bari kumwe ukabaganiriza, benshi muri bo batandukana n'ubukene, batandukana n'amakimbirane n'ibindi bibangamiye umuryango nyarwanda.

Tubaherekeza mu rugendo rwo gukora umushinga, bayabona tukabafasha mu kuyakoresha, tubagira inama kugira ngo bishyure neza maze ahabwe n'abandi."

Mu mirenge 10 kuri 21 igize Akarere ka Gicumbi, nyuma yuko umwaka ushize ari yo yagaragaje guhabwa amafaranga ntiyagarure uko bikwiriye, hatoranyijwemo ingo 1 000 zizahabwa miliyoni ijana(100 000 000 Frw) zikuwe muri miliyari zisaga makumyabiri (20 000 000 000 Frw) zizatangwa mu Turere twose tw'Igihugu.

Imvaho Nshya Imyidagaduro

# Dr. Bizimana yakebuye urubyiruko rukoresha nabi ijambo 'Indangamirwa'

**MUTETERAZINA Shifah**

***Ijambo "Indangamirwa" ni izina rifite umuzi mu Kinyarwanda cy'umwimerere, rifite igisobanuro cyatumye Leta y'u Rwanda irigira rimwe mu mazina y'icyubahiro ahabwa Intore ziri ku rugerero, kugira ngo rikomeze kuranga abaryitwa.***

Ku rundi ruhande, uko iri jambo ryamamaye, urubyiruko rwarishakiye ikindi gisobanuro akenshi cyumvwa na bo gusa mu buryo bw'urufefeko, usanga bunatesha agaciro umwimerere waryo.

Urubyiruko rukunze gukoresha iri jambo rushatse gusobanura abakora umwuga w'uburaya ndetse hanagira umuyobozi urikoresha mu mbwirwaruhame ugasanga bamwe batangiye guseka cyangwa kujujura.



**Minisitiri wa MINUBUMWE, Dr. Bizimana Jean Damascene yasobanuriye urubyiruko icyo 'Indangamirwa' bivuze**

Ubwo yari mu gitaramo cya Gen-z Comedy Show, cyabaye mu ijoro ryo ku wa Gatatu tariki 26 Werurwe 2026, Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, Dr. Bizimana Jean Damascene yatanze igisobanuro nyacyo cy'iryo jambo, asaba urubyiruko guhagarika kurikoresha aho bitari ngombwa.

Umwe mu bitabiriye icyo gitaramo yasabye Minisitiri Dr Bizimana kubasobanurira ijambo Indangamirwa, avuga ko nk'urubyiruko batazi neza igisobanuro cyaryo.

Yagize ati: "Nagira ngo mudufashe mudusobanurire ijambo indangamirwa rivuze iki? Kuko ubusanzwe twebwe nk'urubyiruko dufite ukundi kuntu turikoresha."

Dr. Bizimana yagize ati: "Indangamirwa na ryo reka turikosore, rituruka ku nshinga yitwa kurangamira. Mwari mwabona iyo abageni bagiye kuza bigenda gute iyo abageni baje? Mwese mureba aho baturutse, mukahitegereza kugeza bageze mu byicaro, kurangamira ni ukwitegereza ahantu udahumbya."

"[…] Kandi uwitegerezwa na we agomba gukora ku buryo aba asa neza yasumbye abandi ku buryo hatagira ureba ahandi, hatagira uyoba, ukaba usa neza cyane mu myitwarire, mu bwiza, imyambarire, imiterere, mu kuririmba, mu kuryoshya ku buryo ntabareba ibumoso cyangwa iburyo bakarangamira wowe."

Dr. Bizimana akomeza avuga ko hashingiwe kuri izo ndangagaciro ziranga Indangamirwa bahisemo kuryita Intore, abasaba kujya barangwa n'izo ndangagaciro bakanahindura uko barikoreshaga.

Ati: "Hari utari Intore hano? Ni ukuvuga ko mugomba kubaho mu buzima bwanyu bwose muharanira kuba Indangamirwa, bakabareba badahumbya kandi bareba ibyiza bibaranga imbere n'inyuma. Naho ba bashiki bacu mwise Indangamirwa ndabyanze, ahubwo ni tubagarure mu cyerekezo cyiza babe Intore barangamirwe mu bundi buryo."

Dr. Bizimana kandi yasabye urubyiruko kurangwa n'indangagaciro y'ubunyangamugayo n'iy'ubupfura bigendana, abasaba kuzumva indirimbo ya Twagirayezu Cassien yitwa Umuntu Nyamuntu kugira ngo barusheho gusobanukirwa ibikwiye kubaranga nk'u Rwanda rw'ejo.

Yanabasabye gukomeza guhangana n'abaharabika u Rwanda, ariko kandi birinda gutukana.

# Alexis Dusabe yahishuye impamvu y'igitaramo ateganya mu Bubiligi

**MUTETERAZINA Shifah**

***Umuhanzi w'indimbo zo kuramya no guhimbaza Imana Alexis Dusabe, yatangaje ko impamvu nyamukuru yatumye ahitamo gutaramira mu Bubiligi ari uko hari Abanyarwanda benshi baba banyotewe 'Umwuka Wera'.***

Ni igitaramo yise Umuyoboro 25 Europe Concert", kiri mu ruhererekane rw'ibitaramo ateganya gukorera ku mugabane w'u Burayi, yizihiza imyaka 25 amaze akora ivugabutumwa rinyuze mu ndirimbo.

Avuga ko iyo ari gahunda yatangijwe n'icyabereye mu Rwanda yise 'Umuyoboro 25 Years Concert' cyabereye muri Camp Kigali mu Ukuboza 2025.

Alexis Dusabe yabwiye Imvaho Nshya ko icyatumye ahitamo gutaramira mu Bubiligi ari uko bifuza ko Abanyarwanda n'inshuti zabo bongera guhura n'ubwiza bw'Imana binyuze mu kuramya.

Yagize ati: "Hari Abanyarwanda n'inshuti zabo bafite inyota y'Umwuka Wera, ariko amahirwe yo kubona ibitaramo nk'ibi ntaba menshi. Twabonye ari byiza kubegera."

Akomeza asobanura ko intego nyamukuru ye, ari uko abazitabira bazava mu gitaramo, bafite amahoro n'umunezero mu mutima, ndetse bakumva begereye Imana kurushaho.

Ati: "Iki si igitaramo gisanzwe gusa, ni urugendo rw'Umwuka Wera rugamije gusubiza abantu mu buntu bw'Imana. Turifuza ko umuntu wese uzaza azahura n'Imana mu buryo bwimbitse."

Uretse Alexis Dusabe icyo gitaramo abandi baramyi barimo René Patrick, Tracy ndetse n'abandi bakorera ku Mugabane w'u Burayi na bo bazaririmbamo.

Alexis Dusabe ashishikariza abazitabira, kuza biteguye kwakira impinduka mu buzima bwabo, ati "Muze mwiteguye guhura n'Imana. Ntibizaba igitaramo gusa, bizaba igihe cyo kwakira ubugingo bushya."

Amatike y'iki gitaramo yamaze kugera hanze, aho abifuza kuyagura basabwa kureba amakuru ari ku byapa byamamaza byashyizwe ahagaragara. Biteganyijwe ko kizabera mu Mujyi wa Bruxelles tariki 4 Mata 2026.


**Umuhanzi w'indimbo zo kuramya no guhimbaza Imana Alexis Dusabe, witegura gutaramira mu Bubiligi**





# FIFA Series: Amavubi yanyagiye Grenada mu mukino wakurikiwe na Perezida Kagame


**Perezida Kagame yakurikiye umukino ari kumwe na Minisitiri wa Siporo, Nelly Mukazayire na Perezida wa FERWAFA, Shema Ngoga Fabrice**

**SHEMA Ivan**

***Mbere ya Perezida wa Repubulika Paul Kagame, Ikipe y'Igihugu "Amavubi" yasanze Estonia ku mukino wa nyuma w'Itsinda A rya FIFA Series 2026 riri gukinirwa mu Rwanda, nyuma yo kunyagira Grenada ibitego 4-0.***

Uyu mukino wabereye muri Stade Amahoro mu Ijoro ryo kuwa Gatanu, tariki ya 27 Werurwe 2026.

Yari inshuro ya mbere ikipe nkuru y'u Rwanda "Amavubi" yakinnye n'igihugu cyo hanze y'Umugabane wa Afurika ni nako byari bimeze kuri Grenada nayo yakinaga bwa mbere n'igihugu cyo ku Mugabane wa Afurika.

Ikipe y'Igihugu Amavubi ni yo yatangiye neza umukino isatira izamu rya Grenada binyuze mu bakinnyi bakina mu mpande basatira.

Mu minota 15, Amavubi yakomeje gusatira ishaka igitego ariko abakinnyi bakina imbere barimo Biramahire Abeddy bakagorwa no kubyaza umusaruro amahirwe babonaga imbere y'izamu.

Mu minota 30, Amavubi yakomeje kwiharira umukino ariko n'ubundi ikagorwa no gutera mu izamu, aho abakinnyi b'imbere barimo Biramahire Abeddy bagaragazaga igitutu no guhuzagurika.

Byasabye gutegereza ku munota wa 45+1 ku gitego cyatsinzwe na Joy-Lance Mickels ku ishoti yateye ari hanze y'uburuga rw'amahina, umupira uruhukira mu izamu.

Nyuma y'iminota ine, Kwizera Jojea yatsinze igitego cya kabiri ku mupira mwiza Biramahire Abbedy yamuhaye ahita awushyira mu rushundura.

Igice cya mbere cyarangiye Amavubi atsinze Grenada ibitego 2-0.

Amavubi yakomeje gukina neza mu igice cya kabiri ishaka igitego cya gatatu, akinira cyane mu kibuga cya Grenada.

Ku munota wa 57, Umutoza w'Amavubi Stephen Constantineyakoze impinduuka, Hakim Sahabo na Uwineza Rene basimbura Kwizera Jojea na Biramahire Abeddy.

Ku munota wa 68, Kapiteni Bizimana Djihad, yatsinze igitego cya gatatu, ku ishoti yatereye inyuma y'urubuga rw'amahina, nyuma yo kureba ko umunyezamu wa Grenada ahagaze nabi.

Grenada yagowe no kwibona muri uyu mukino dore ko yagorwaga no kugera mu bwugarizi bw'Amavubi.

Ku munota wa 81' Hakim Sahabo yatsinze igitego cya kane cy'Amavubi ku mupira yatereye mu rubuga rw'amahina ujya mu izamu.

Nta kindi gitego cyabonetse kugeza umukino urangiye Amavubi y'u Rwanda anyagiye Grenada ibitego 4-0, isanga Estonia ku mukino wa nyuma yasezereyemo Kenya kuri penaliti 4-3, nyuma yo kunganya igitego 1-1 mu minota 90 isanzwe y'umukino.

Amavubi yaherukaga kwinjiza ibitego bine mu mukino uwo ari wo wose ubwo yanyagiraga Repubulika ya Centrafrique ibitego 5-0 mu mukino wa gishuti wabaye mu 2021.

Umukino wa nyuma uraba kuri uyu wa Mbere, urabanzirizwa n'uw'umwanya wa gatatu uhuza Grenada na Kenya. Imikino yose irabera kuri Stade Amahoro.


**Abakunzi b'Amavubi bari baje ari benshi**


**Leroy-Jacques Mickels ni umwe mu bakinnyi b'Amavubi bitwaye neza**

Imvaho Nshya
# Siporo



Nº .E-55 TARIKI 24 - 30 WERURWE 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Amavubi yijeje Abanyarwanda kwegukana igikombe cya FIFA Series 2026

**SHEMA Ivan**

***Kapiteni w'ikipe y'Igihugu Amavubi Djihad Bizimana, yasabye Abanyarwanda kuzitabira ari benshi umukino wa nyuma wa FIFA Series 2026 uzahuza u Rwanda na Estonia, yizeza ko nk'abakinnyi bazakora ibishoboka byose ngo begukane igikombe kizandikwa mu mateka.***

Yabigarutseho ku Cyumweru tariki ya 29 Werurwe 2026, mu kiganiro n'itangazamakuru cyagarukaga ku myiteguro y'umukino wa nyuma utegerejwe kuri uyu wa Mbere tariki 30 Werurwe 2026.

Abajijwe uko biteguye uyu mukino, Kapiteni w'Ikipe y'Igihugu Amavubi, Bizimana Djihad, yavuze ko nk'abakinnyi biteguye gutanga byose ngo intsinzi iboneke.

Yagize ati: "Umukino uheruka na Grenada, twarawutsinze. Navuga ko abakinnyi biteguye, barabyumva ko ariko bimeze, numva ko uburyo tujyana mu mukino butandukanye n'umukino uherutse intego ni igikombe".

Yakomeje ahamya ko nubwo ari ubwa mbere bagiye gukina n'ikipe y'i Burayi ariko bizeye kuzitwara neza, asaba Abanyarwanda kuzajya muri Stade Amahoro ari benshi.

Ati: "Umukinnyi wese aba ashaka gutsinda umukino ukomeye, umukino abantu bose baba bazi ko bidashoboka. Turabizi neza ko ari umukino uzaba ukomeye ariko turagenda twiteguye, turabizi ko abafana bazaza, tunabasaba ko bazaza kudushyigikira. Natwe tuzatanga ibyo dufite byose kugira ngo umukino tuzawutsinde."

Umutoza Mukuru w'Amavubi, Stephen Constantine na we yavuze ko bazatanga byose ku mukino wa Estonia kuko uzaba utandukanye cyane n'uwo batsinzemo Grenada.

Ati: "Umukino na Estonia uzaba ari umukino utandukanye cyane. Ni ikipe ikomeye, iri ku murongo, ariko turabyumva uko bakina, uko bazakina, ariko twizeye gutsinda. Stade Amahoro ni iyacu, ni iy'Amavubi, abafana bazaba bahari ari benshi, rero tuzagerageza dutsinde."

Uyu mukino w'Amavubi y'u Rwanda na Estonia uraba kuri uyu wa Mbere tariki ya 30 Werurwe, saa moya n'igice muri Stade Amahoro.

U Rwanda rwabonye itike nyuma yo kunyagira Grenada ibitego 4-0, byinjijwe na Leroy-Jacques Mickels, Kwizera Jojea, Bizimana Djihad na Hakim Sahabo.

Ni mu gihe Estonia yakomeje isezereye Kenya kuri penaliti 5-4 nyuma yo kunganya igitego 1-1 mu minota 90 isanzwe y'umukino.



**Kapiteni w'Amavubi, Bizimana Djihad, yasabye Abanyarwanda kuzajya muri Stade Amahoro ari benshi gushyigikira abakinnyi babo**

# Iteramakofe: Tamba yongeye kwigaragaza atsinda Karume kuri 'Round 1'

**SHEMA Ivan**

***Umunya-Cameroon Tamba Merlin yongeye kugaragaza ko ari ku rwego rwo hejuru, atsinda Karume amuteye igipfunsi mu mbavu ahita yunama, ntiyongera gukina mu irushanwa ry'Iteramakofe ryiswe "Kigali Fight Night".***



**Iteramakofi ni umukino umaze gutera imbere**

Ni imikino yabaye ku nshuro ya kabiri ku wa Gatandatu tariki 28 Werurwe 2026, mu masangano y'imihanda yo kuri Kigali Convention Centre.

Iri rushanwa ryateguwe na Silverback Sports ku bufatanye n'Ishyirahamwe ry'Umukino w'Iteramakofe mu Rwanda (RBF), ryahuje abakinnyi bo mu bihugu bya Afurika birimo Uganda, Cameroun, Gabon, Tanzania, Nigeria, Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), Malawi n'u Rwanda.

Iyi mikino yitabiriwe n'abantu batari bake barimo Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri ya Siporo Rwego Ngarambe, basusurukijwe n'abaraperi Riderman na Bulldog hagati y'imikino yakinwe.

Janvier Merlin Tamba Kwakhou w'imyaka 24, witoreza i Dubai muri Leta Zunze Ubumwe z'Abarabu, yongeye kwigaragaza nk'uko yabikoze mu kwezi k'Ugushyingo 2025 muri Zaria Court.

Tamba yongeye gusoza umukino mu gace ka mbere kari kagizwe n'iminota itatu, mu duce icyenda twari gukinwa, akubita Karume igipfunsi mu mbavu ahita yunama, ntiyongera gukina.

**Kazungu na Hagenimana bari mu bitwaye neza mu babigize umwuga**

Mu babigize umwuga, u Rwanda rwari ruhagarariwe n'abakinnyi 2, Kazungu Frank na Hagenimana Aimable.

Hagenimana Aimable yatsinze Muhindo Vianney Bahati, mu gihe Daniela Muleketsi Nsii ukomoka muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo yatsinze Umunya-Uganda Martha Akinyi, na ho Frank Kazungu atsinda Rogers Kamulegeya ukomoka muri Uganda.

Kassa Kingbo Odilon Hans ukomoka muri Gabon yatsinze Saidi Chako wo muri Uganda, Nene Joy Ojo woe muri Nigeria atsinda Zawadi Kutaka wo muri Tanzania mu bakobwa.

Abderrezzak Lamrani wo muri Algeria yatsinze Simion Tchetha wo muri Malawi, mu gihe Jerry Katamba wo muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo yatsinze Ali Mkojani wo muri Tanzania.

Mbere y'iyi mikino y'ababigize umwuga hakinwe indi mikino umunani y'abatarabigize umwuga mu rwego rwo gutegura ahazaza h'Abanyarwanda bakina Iteramakofe.